ISHURI RITO RYA BIBILIYA

ITANGIRIRO NO KUVA

AGATABO KA MBERE

IRIBULIRO

Muhawe ikaze mu Ishuli rito rya Bibiliya. Tugiye gutangira kwiga Bibiliya kuva mu ntangiriro kugeza ku musozo mu nyigisho zikubiye mu dutabo dutoya 33. Urugendo rwacu mu gusobanukirwa ruzatuvana mu gitabo cy'Itangiriro rutugeze mu gitabo cy'Ibyahishuwe. Tuzaba tureba ishusho buri gitabo cyo muri Bibiliya igaragaza, twige urutonde rwabyo ndetse icy'ingenzi cyane twibande ku buryo bwimbitse bwo gushyira mu ngiro ibyo twize.

Hari ubwo Bibiliya cyaba igitabo kijijisha, birakomeye kumenya icyabaye, igihe byabereye, uwo byabayeho ndetse nicyo bivuze. Ariko buri murongo w'icyanditswe, buri gace kose kongeranya ku mwuzuro w'ubwiza. Ku musozo w'urugendo rwacu twese hamwe, ndasenga ngo muzamenye ubusobanuro bw'ukuntu Bibiliya yuzuzanya. Nyuma yo kuzenguruka ibitabo byose byo muri Bibiliya, muzavanamo ishusho ya buri

gitabo ndetse mubashe kuyishyira mu busobanuro bwimbitse bw'umwandiko bw'amateka y'Imana n'umuntu. Muzaba mwarabonye uburyo Imana yakoraga mu bihe byo mu Isezerano rya Kera, kandi muzaba mwarize icyahinduwe no kuza kwa Kristo n'impamvu. Icyo wari warizeye n'umutima wawe kizashinga imizi mu bitekerezo byawe, kandi uzabona gushira amanga n'imbaraga byo kubwira abandi kwizera kwawe.

Ndizera ko uzagambira kugumana natwe mu isomo ryose kandi ko uzatumira abandi tukabana mu gihe dukura ubumenyi mu gitabo cy'ingenzi mu isi yose, Bibiliya.

Ibikoresho bikoreshwa umurimo

Intumwa pawulo atubwira ko uburyo bwonyine bwaturinda gukorwa n'isoni mu gihe isomo rya Bibiliya rigiyemo ari ukuba "umanyamwete". Uburyo bwonyine bwo gusobanukirwa Bibiliya ni ukuba umunyamwete, nagira ngo mbahige, hano mu itangira ry'iyi nyigisho ya Bibiliya kwiyemeza kugira umwete no kubishyiraho umutima wose mu gihe mwiga Bibiliya. Nta gitabo gikwiriye ubwitange no kwiyemeza guhoraho mu gihe cyigwa nka Bibiliya. Niba wifuza kujyakure harenze aho izi nyigisho zikugeza, iyemeze gushaka ibindi bikoresho bizagufasha kugera kure mu byanditswe.

N'uko umurimo uwo ari wose mu rugo ukorwa neza byoroshye ndetse ugatanga umusaruro mwiza iyo ibikoresho nyabyo byakoreshejwe, ni nako kwiga Bibiliya bigira umusaruro mwinshi iyo ukoresheje ibikoresho ufite. Mubigire intego yo kugira ubufasha bwose twavuze, maze mutangazwe n'itandukaniro bizatanga.

Igice cya mbere

BIbiliya n'uburyo iteguye

Ubusobanuro n'inkomoko

Mbere y'uko dutangira inyigisho yacu ku bitabo by'umuntu ku giti cye bya Bibiliya, reka turebe Bibiliya ubwayo, yose hamwe. Impamvu yitwa gutyo ndetse n'impamvu ivugwa nka "Bibiliya Yera"?

Ijambo "Bibiliya" riva ku ijambo "biblia" rikaba ari ijambo ry'Ikilatini rivuze ubwinshi ijambo "Bibiliya" rero bivuze "ihuriro ry'ibitabo"-mirongo itandatu na bitandatu. Bibiliya Yera bivuze "icy'imana" cyangwa "ikivuye ku Mana". Bibiliya yera, bivuze "udutabo duto twera tuva ku Mana," cyangwa "ihuriro ry'ibitabo by'Imana cyangwa biva ku Mana." Bibiliya kandi ivugwa ko ari Ijambo ry'Imana. Kuki? Kubera amagambo yavuzwe n'intumwa nka Petero na Pawulo. 2 Timoteyo 3:16-17 ni urugero rwiza:"*Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya no kumuhanira gukiranuka kugira ngo umuntu w'Imana abe ashyitse, afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose.*"

Kenshi cyane twemezwa ko Bibiliya atari ihuriro ry'inyandiko z'abantu bavuga ku Mana. Ahubwo ikubiyemo amagambo y'Imana ubwayo yanditswe binyuze mu makaramu y'abantu benshi yenda bagera kuri 40 cyangwa barenga, hagati y'igihe kingana n'imyaka 1500 na 1600. Uburyo Imana yakoresheje kugira ngo aba bantu bandike ibi bitabo byahumetswe, ari byo bivuze "guhumekerwaho." Petero yabisobanuye muri gutya: "*Kuko ari nta buhanuzi bwazanywe n'ubushake bw'umuntu, ahubwo abantu b'Imana bavuagaga ibyavaga ku Mana bashorewe n'Umwuka Wera.*"(2 Petero 1:21)

Ijambo ry'Ikigereki rivuze "gutwarwa" rigaragaza ishusho nziza ni ijambo: tekereza uri mu bwato urimo gutwarwa n'umuraba cyangwa watwawe n'umuyaga maze ugahumekerwa nk'uko Petero yabigaragazaga hano.

Uburyo giteguye

Nyuma yo kumenya Bibiliya icyo ari cyo reka turebe uko iteguye. Binyuranye n'ibyo mwari mwiteze, ibi bitabo ntabwo hakurikijwe igihe byandikiwemo nta n'ubwo

byatandukanijwe hakurikijwe umwanditsi. Ahubwo, bitondekanyijwe hakurikijwe ubwoko n'ubutumwa. Ubwoko bubiri bw'ingenzi bw'ibitabo ni Isezerano Rishya n'Isezerano rya Kera. Ibi si ko byahoze, kubw'impamvu zigaragara. Urugero, mu gihe cya Yesu, nta Sezerano rya kera n'Isezerano Rishya byabagaho. Isezerano Rishya ryari ritarandikwa, rero ibitabo byabagaho mu bihe bya Yesu byitwaga "Ijambo Ry'Imana cyangwa "Ibyanditswe". Ni nyuma y'uko Isezerano Rishya ryanditswe maze rigashyirwa hamwe mu ihuriro ry'ibitabo habayeho itandukaniro hagati y'Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya.

Ubutumwa nyamukuru bw'ibitabo byo mu Isezerano rya Kera ni ubu: "Yesu araje" Nk'uko ibyanditswe bivuga, mu Itangiriro, Imana n'umuntu bari babanye neza. Ariko Imana yaremanye umuntu amahitamo maze umuntu ahitamo gutera Imana umugongo. Kuko Imana itakwihanganira ubwigomeke(icyaha) Imana itera umuntu umugongo. Nuko rero, habaho "ubutane" hagati y'Imana n'umuntu. Ubwo butane hagati y'Imana n'umuntu ni cyo kibazo cy'ibanze ibyanditswe byose biba bivuga.

Mu Isezerano rya Kera, Imana iratubwira iti: "Ese wanyizera nkubwiye ko hari icyo ngiye gukora kuri ubwo butane?" Mu Isezerano Rishya, Imana iba itubwira iti: "Ese wanyizera nkubwiye ko hari icyo nakoze kuri ubwo butane?" Urabona ibitabo byo mu Isezerano rya Kera bivuga iki: "Yesu araje, kandi agiye kunga ubwo butane buri hagati y'Imana n'ibiremwa byayo." Isezerano Rishya rikatubwira iyi nkuru nziza: "Yesu yaraje, kandi igihe yaje yunze ubwo butane bwari hagati y'Imana n'umuntu.

Uretse igabanywa rinini ry'Isezrano rya Kera n'Isezerano Rishya, hari ibindi byiciro byashyizwe muri buri sezerano. Ibitabo byo mu Isezerano rya Kera birimo imitwe itanu itandukanye.

Icya mbere, hari ibitabo bitanu by'amategeko. Muri ibi bitabo' Imana itubwira icyiza n'ikibi, ikanaduha urwego rwayo rwo gukiranuka.

Igikurikira, haza ibitabo icumi by'amategeko, bituma rimwe na rimwe ubwoko bw'Imana bwumviraga ibyo bitabo by'amategeko na rimwe na rimwe ntibabyumve.

Inkuru zabo zitubera imbuzi ndetse n'ingero. Umurongo nyamukuru ku mateka yose yanditswe muri Bibiliya ubonwa mu Isezerano Rishya. Pawulo yatubwiye ko ikintu cyose cyabaye ku bantu dusoma muri Bibiliya cyabereye kuba urugero kuri twe, bakikorera ibyo bishakiye, bakaba imbuzi igihe bumviraga Ijambo ry'Imana yabahaye bari urugero kuri twe. Bakwikorera ibyo bishakiye, bakaba imbuzi kuri twebwe.

Ibitabo by'amateka bikurikirwa n'ibitabo by'imivugo. Mu bitabo by'imivugo Imana ivugana n'imitima y'ubwoko bwayo mu gihe bagerageza kubaho nk'uko Ijambo ryayo rivuga muri iyi si. Urugero, igitabo cya Yobu kivugana n'imitima y'ubwoko bw'Imana igihe bababaye. Igitabo cya Zaburi kivugana n'imitima yabo igihe barimo kuramya. Igitabo cy'Imigani kivugana n'imitabo yabo igihe bakeneye ubwenge bubafasha mu bucuruzi ndetse no mu mibanire n'abantu. Indirimbo ya Salomo ivugana n'imitima yabo mu gihe barimo gukora imibonano mpuzabitsina. Buri kimwe muri ibyo bitabo gifite ubufasha bufatika ndetse no gusubizamo imbaraga abizera.

Igice gikurikiyeho cy'Isezerano rya Kera ni cyo kigari. Cyitwa Abahanuzi. Iki gice kigabanywamo Abahanuzi bakuru n'Abahanuzi bato,bidatewe n'umumaro w'ubutumwa bwabo, ahubwo bitewe n'uburyo bireshya. Byafashe igihe kirekire Abahanuzi bakuru kugira ngo bavuge ibyo bashakaga kuvuga!

Mu Isezerano Rishya naho harimo ubwoko butanu bw'ibitabo. Icya mbere ni inkomoko enye za Yesu (binitwa ibitabo by'Ubutumwa Bwiza) byanditswe na Matayo, Mariko, Luka, na Yohana. Hagakurikiraho igitabo kimwe cy'amateka ari cyo Ibyakozwe n'Intumwa. Hakabaho n'inzandiko. Zigabanywa mu byiciro bibiri: Inzandiko za Pawulo n'inzandiko rusange. Kimwe cya kabiri cy'Isezerano Rishya kigizwe n'inzandiko zanditswe na Pawulo yandikiye amatorero atari afite ubumenyi n'imbaraga nyuma y'izuka rya Yesu. Inzandiko zindi zanditswe n'abantu bazwi hanyuma, hakabaho igitabo kimwe cy'ubuhanuzi, ari cyo Ibyahishuwe.

Igihe urimo gusoma Bibiliya, ujye usoma Isezerano rya Kera uzi ubutumwa bwayo bw'ingenzi ubwo ari bwo: Yesu araje. Icyo ni cyo Isezerano rya Kera rigamije. Ujye usoma Isezerano Rishya ushakamo ubu butumwa: Yesu yaraje. Icyo ni cyo Isezerano Rishya rigamije.

Igice cya kabiri

Bibiliya n'intego yayo, abayanditse, n'inkomoko yayo.

Kuva mu Itangiriro ukageza mu Ibyahishuwe, Bibiliya ivuga Yesu Kristo. Bibiliya si amateka y'iterambere cyangwa igitabo kivuga ku bugeni bw'irema. Hari abantu batekereza ko Bibiliya ari igitabo umuntu agendana mu ntoki cyigisha imyifatire myiza, ndetse benshi batekereza ko Yesu yagaragajwe nk'umwigisha ndetse n'urugero rw'ubwo buzima. Yesu Kristo niwe nsanganyamitsiko nyamukuru ya Bibiliya ifite intego enye nyamukuru. Iya mbere muri izo ntego enye ni iyi; kugaragaza Yesu nk'umukiza n'umucunguzi w'iyi si. Kugira ngo dusobanukirwe iyi ntego ya mbere, dukeneye gusobanukirwa impamvu umukiza ari ngombwa. Intego ya kabiri ya Bibiliya ni ukuduha ubusobanuro bwimbitse bw'amateka Yesu yaciyemo.

Ariko, mu Itangiriro 12, inkuru igenda buhoro. Guhera kuri iki gice ukageza mu Ibyahishuwe, ibice 1,178 byose bisigaye-umurongo ugenda ufungana. Guhera aha, inkuru iba ivuga kuri Aburahamu n'abamukomokaho, cyane cyane uwo wamukomotseho we amahanga yo mu isi aherwaho umugisha, Yesu Kristo, Mesiya.

Nitumara gusobanukirwa izo ntego ebyiri za mbere, intego ebyiri za kabiri ziragaragara. Icya gatatu ni ukuyobora umunyabyaha akizera Imana, hanyuma icya kane ni ukwereka uwizera uko Imana ishaka ko abaho.

Abanditsi ba Bibiliya.

Ni nde wanditse Bibiliya? Yayandikiye he? Ryari? Mu ruhe rurimi cyangwa mu zihe ndimi? Ese haba hari inyandiko y'umwimerere igihari? Ni nde wemeje ikijya muri Bibiliya akanayitegura uko iri ubu? Ntiwakwiga Bibiliya igihe kirekire mbere y'uko utangira kwibaza ibibazo nk'ibi.

Mbere na mbere, reka turebe uwanditse Bibiliya. Twamaze kubivuga ko Imana ari yo yanditse, inyuze mu makaramu y'abantu(turaza kuvuga abo bantu abo ari bo nyuma). Ariko mbere na mbere hari amagambo abiri tugomba gusobanukirwa iyo tuvuga ko Imana yanditse ibitabo. Ijambo rya mbere ni uguhishurirwa. Guhishurirwa ni ijambo rusange rikubiyemo uburyo bwose Imana ihishurira umuntu ukuri inyujije

muri kamere, Umwuka Wera, abahanuzi ndetse n'ubundi buryo bwinshi.

Ijambo rya kabiri ni uguhumekerwa. Ibi bisa nk'ibyo abanyatewolojoya bita "ihishurirwa ridasanzwe". Bibiliya ni ihishura ry'Imana ridasanzwe. Ifite intangiriro ikagira n'iherezo. Mu gihe kirenga imyaka 1600, Imana yavuganye n'mitima y'abantu bandika ibi bitabo. Ariko igihe amagambo ya nyuma y'igitabo cy'Ibyahishuwe yandikwaga, ihishurirwa ridasanzwe ryaruzuye. Iryo hishurwa ridasanzwe cyangwa uko guhumekerwa ntibikibaho.

Noneho, nyuma yo kumenya ko Imana yanditse ibitabo bya Bibiliya, tugomba no kuvuga ko abantu banditse ibi bitabo. Aba bagabo bari abami, abarobyi, abashumba, ingabo, abatambyi, ndetse n'umukoresha w'ikoro. Umwe yari umuganga. Undi yari umunyapolotiki. Bari abantu b'ingeri zitandukanya.

Inkomoko

Ni nde wemeje inyandiko zagombaga kujya muri Bibiliya kandi ni ryari? Babyemezaga gute?

Nko mu mwaka w'100 nyuma y'urupfu rwa Yesu, mu nama yabereye i Jamaniya, Isezerano rya Kera ryarakosowe rishyirwa hamwe n'ubwo ryakoreshwaga mu gihe cy'imyaka 300 cyangwa 400. Ibitabo byashyirwagamo hashingiwe ku cyizere bafitiye umwanditsi ndetse n'izina ryiza bari bafite nk'abahanuzi cyangwa abanditsi. Ibyinshi muri ibi bitabo byanditswe mu Giheburayo.

Ibitabo byo mu Isezerano Rishya ho, byinshi muri byo byanditswe mu Kigiriki, byaratoranyijwe birakosorwa mu mwaka wa 692 nyuma y'urupfu rwa Yesu mu nama yabereye i Turulani. Urwego ibi bitabo byatoranyijwemo rwitwa kweza Kandi bigizwe n'uburyo cyangwa urwego ibintu bikorwamo:

1. Ese hari intumwa cyangwa uwungirije intumwa wa hafi wanditse iki gitabo?
2. Ese igitabo kirimo iby'Umwuka byabwirijwe abizera Ubuntu?
3. Ese ibikubiye muri iki gitabo byemeranya n'ibikubiye mu bindi bitabo kandi se haba harabayeho kwemeranywa kutazwi mu matorero ku byerekeye guhumekerwaho kw'iki gitabo?

Ni gute ibitabo byanditswe cyera cyane tubibona muri iki gihe? Byabitswe neza.

Birumvikana, nta nyandiko iyo ari yo yose y'umwimerere dufite kuko impapuro ntiziramba icyo gihe cyose. Ariko na none, dufite inyandiko nziza cyane. Gusemura mu ndimi zacu zigezweho byaritondewe cyane.

Mu kwanzura

Ni gute twamenya ko koko Bibiliya ari ijambo ryahumetswe n'Imana? Twabyemezwa n'iki ko ibitabo nyabyo ari byo byahiswemo ko nta makosa yanditswe mu nyandiko cyangwa mu gusemura? Hari uburyo bumwe bwo kubimenya, kandi Yesu atubwira ubwo ari bwo. Yaravuze ati:"umuntu nagira ubushake bwo gukora, azamenya." Bisangwa mu mutima wawe iyo uje mu ijambo ry'Imana ufite ubushake bwo gukora ibyo rivuga, iyo ugize icyo ukora kubyo wasanzemo, bizana mpinduka itangaje mu buzima bwawe ku buryo uvuga uti "Iryo ni Ijambo ry'Imana. Nta kabuza niryo nta bundi busobanuro bukenewe"

Igice cya gatatu

Uburyo bwo kwiga Bibiliya

Iyo bigeze ku kwiga Bibiliya nyako, tugomba kwitonda tukanagira ubwenge. Uburyo bumwe butanga umusaruro bwo kwiga ni ubu buryo bufite ibice bine: kwitegereza, gusobanukirwa, gushyira mu ngiro no gusanisha.

Kwitegereza biza mbere. Mu gihe usoma umwandiko, ugomba kubaza iki kibazo: "Ese bisobanuye iki?" Hakaza ishyirwa mu ngiro. Muri iyi ngingo, uba ubaza uti: "bimbwiye iki?" Gusanisha bikabaza iki kibazo:"Ni gute iki cyanditswe gihuza n'ibindi bitabo bya Bibiliya byose?

Kumenya icyo ibyanditswe bivuga n'icyo bisobanuye ni ingenzi. Ariko nutagira icyo ubikoresho, ukwiga kwawe kuzaba nta cyo kumaze. Nugera kuri icyo cyiciro cyitwa "gushyira mu ngiro," wamenya icyo umwandiko uvuze kuri wowe mu gihe ufashe icyo kibazo kigari ukakigira icyihariye.

Kugira ngo tugufashe gutangira gerageza ibi bibazo: Ese haba harimo ingero nakurikiza? Ese haba harimo imbuzi nakwirinda? Ese haba harimo amategeko nakumvira? Ese haba harimo ibyaha byo kureka? Ese haba harimo ukuri kuvuga ku Mana cyangwa Yesu Kristo? Ese haba harimo ukuri gushya kwerekeranye n'ubuzima bwanjye?

Mu gihe twiga Bibiliya, hari amabwiriza agomba kutuyobora, dore rimwe muri yo. Nujya ujya mu mwandiko w'icyanditswe ujye wibuka iki: Nubwo hariho ubusobanuro bumwe, habaho uburyo bwinshi bwo gushyira mu ngiro. Ushobora kumva mu buryo bukomeye uko butumwa bwihariye buhura n'ubuzima bwawe, ariko ndagusaba ngo uzemere umwuka wera akore mu bundi buryo mu buzima bw'undi muntu mu binyuze muri icyo cyanditswe.

Icya kabiri, kuva Bibiliya ari igitabo kivuga Kristo, ugomba gushakisha Kristo mu byanditswe igihe urimo gusoma. Icya gatatu, nugera ku murongo ufifitse cyangwa udasobanutse neza ujye ushaka iteka ubusobanuro ukurikije imirongo ifite ubusobanuro bwumvikana. Hari imirongo myinshi y'ibyanditswe ikomeye gusobanukirwa. Hakabaho n'imirongo myinshi y'ibyanditswe idakomeye gusobanukirwa. Ishingikirize kuri ibyo bisobanutse kugira ngo biyobore ugutekereza kwawe ku bikomeye.

Iki gikurikira ni ingenzi cyane: ntuzigere uza mu mwandiko w'icyanditswe ibitekerezo byawe byishyizemo icyo umwandiko usobanuye. Ushobora kuba ufite ukuri hamwe n'igitekerezo uzanye kimwe n'uko waba nta kuri ufite. Byakomerera Umwuka Wera kukwigisha mu gihe uzi neza ko uzi ikigomba kumenywa.

Irindi hame ry'ingenzi, cyane cyane iyo wigisha icyanditswe, ni ukugira ubushake bwo kumvira icyo cyanditswe mbere y'uko ucyigisha undi muntu. Dore n'irindi hame. Iteka ujye wibuka ko Imana ituvugisha inyuze mu Ijambo ryayo, rero soma Ijambo ry'Imana usenga, usaba Imana kuguhishurira ibintu ku giti cyawe ikoresheje Umwuka Wera.

Hano hakaba ikindi gitekerezo: ujye ureba iteka ubusobanuro bwimbitse bw'umwandiko w'icyanditswe. Niba warigeze kuvuga utitaye ku busobanuro bwimbitse bw'umwandiko, uzi uburyo amagambo yasa nkasobanura ikintu utigeze ugambirira kuvuga ni nk'uko ibyanditswe byakoreshwa mu kugaragaza ingingo iyo ari yo yose mu gihe wafashe umurongo ukawukura mu mirongo igendana na wo. Kwiga umurongo umwe ukwawo ukawukura mu busobanuro bwimbitse bw'umwandiko rusange bituma utumva neza cyangwa kumvirana.

Noneho ubu, nyuma yo gushyiraho urufatiro rw'inyigisho yacu y'Ijambo, tugiye kujya

ibwina mu gitabo cya mbere, Itangiriro. Ubwo dutangiye, icyo ngusabira ni iki: kugira ngo ujye mu Ijambo ry'Imana n'Ijambo ry'Imana rikujyemo.

Igice cya kane

Itangiriro-Igitabo cy'amategeko

Igitabo cy'itangiriro. Iki gitabo ni cyo kigize itangira rya Bibiliya, ariko ni n'igitabo kivuga ibyo kurema. Itangira mbere gisobanura ni itangira ry'isi.

Mu Itangiriro, Imana itubwira umuntu nk'uko yari mu itangira ndetse n'uko ari ubu. Ibi bidufasha kwisobanukirwa. Imana itubwira icyaha. Kumenya uko icyaha cyatangiye bidufasha kumenya uko bitugiraho ingaruka muri iyi minsi. Itwereka incuro ya mbere avugana n'umuntu kandi ibyo biganiro byoroheje bidufasha kumenya uburyo natwe ituganiriza. Mu makimbirane yabaye hagati ya Kayini na Abeli, tureba uburyo amakimbirane yatangiye ndetse tugatangira gusobanukirwa amakimbirane tubona muri iki gihe.

Mu gice cya gatandatu kugeza ku cya cyenda, dusoma iby'ibiza bya mbere byabayeho mu isi, ari byo umwuzure. Kandi muri iyi nkuru, dusangamo ishusho y'agakiza. Ku bwo kwizera kwa Nowa, Imana yamukijije kurimbuka. Natwe tugize kwizera, twakizwa kurimbuka kuzana n'icyaha.

Ahasigaye hose muri Bibiliya, tubona inkuru ku yindi itwereka ko Imana ari yo nkuru. Dusubiyemo iyo nsanganyamitsiko, ese twashidikanya ko ikiri nkuru muri iki gihe?

Umukono wawe w'uyu munsi ni ugutangira gusoma igitabo cy'Itangiriro. Mu gihe usoma, wibaze ibi bibazo: Iki kivuga iki ku kuntu ibintu byahoze? Bisobanuye iki ku kuntu bimeze muri iki gihe? Kandi, ni gute ibyo byahindura imitekerereze n'ubuzima bwanjye?

Igice cya kane

Ese irema ni ukuri?

Igitabo cy'Itangiriro, koko Bibiliya yose itangirana n'inkuru y'irema. Ariko ku bw'ubusobanuro bw'iryo hame, iyo nkuru ifata igice kimwe n'igice. Utekereza ko byatewe ni iki? Nk'uko twabivuzeho mu gice gishize, iki gitabo nticyanditswe ngo kivuge uko bibntu byahoze gusa ahubwo no

kugira ngo dusobanukirwe uko ibintu bimeze. Imana ntitugomba ubusobanuro. Ntikeneye kwisobanura. Ntabwo itubwira iyi nkuru y'irema kuko izi ko itugomba ubusobanuro bw'ukuntu yaremye buri kintu.

Na none, ntitwava muri iki gitabo tutavuze ku kibazo kivugwaho cyane muri Bibiliya. Hari ibitekerezo bibiiri ku nsanganyamatsiko y'irema. Mbere, hari ibivugwa ko inkuru y'irema mu Itangiriro yanditswe mu buryo bw'ubugenge, ubwo rero Bibiliya ntiyaba Ijambo ryahumetswe ry'Imana. Ikindi gitekerezo ni uko ikibazo atari "Ese Bibiliya irizewe mu buryo bw'ubugenge?" ahubwo ni: "Ese ubugenge burizewe muri Bibiliya?" Abashyigikira iyi ngingo bavuga batya: "Bibiliya ntabwo iri mu igerageza ariko ubugenge buri mu igerageza."

Ikibazo nyacyo ni iki: Ese Bibiliya n'ubugenge biruzuzanya iyo bigeze ku kuntu isi yaremwe? Hari ibintu bimwe dukwiye gutekereza. Icya mbere, kamere y'ubugenge ntiha umwanya kwizera Imana. Ariko ubugenge ni ukwiga kw'amakuru cyangwa ubufindo bushobora gupimwa cyangwa kwitegerezwa cyangwa kwemezwa. Bushingiye ku bushakashatsi, ku myanzuro ndetse n'ishyirwa mu ngiro. Biragenzurwa kandi byagenzurwa. Ku bwa kamere ya yo, Imana ntiyakwirwa mu nyigisho nkizo. Ni ibintu bidashoboka kumenya Imana ukoresheje uburyo bw'ubugenge. Uburyo bwonyine butugeza ku Mana ni ukwizera nk'uko Abaheburayo 11:6 hatubwira: "ariko utizera ntibishoboka ko ayizaneza, kuko uwegera Imana akwiriye kwizera yuko iriho, ikagororera abayishaka."

Dusoma ko, "Mbere na mbere yaremye ijuru n'isi." (Itangiriro 1:1) Tukongera tugasoma ko *"Isi yari itagira ishusho, yariho ubusa busa, umwijima wari hejuru y'imihengeri, maze Umwuka Wera yagendagendaga hejuru y'amazi"*. (2)

Bibiliya ivuga itya Umwuka w'Imana utangira kugendagenda hejuru y'iki kiremwa, uragikuza, uraguhindura. Urugero, Itangiriro 1:9 haravuga gno, "Imana iravuga iti, *"Habeho isanzure hagati y'amazi, rigabanye amazi n'andi mazi."* Imana ntiyavuze iti: "reka ubutaka bwumutse bubeho" ubutaka bwumutse buraremwe. Bwari bwararemwe, muri icyo gikorwa cy'ibanze cy'irema, ariko bwari munsi y'amazi. Muri uyu murongo, bwaratwikuruwe. Biratangaje kuba

abanyabugenge bazi neza ko iyi si yose igihe kimwe yari munsi y'amazi.

Ijambo "kurema" bivuze gukora ikintu ukivanye mu busa. Iri jambo rikoreshwa incuro eshatu gusa muri iyi nkuru y'irema. Ku murongo wa mbere, Imana yabanje kurema. Iki gikorwa cya mbere cyo kurema kirimo umubumbe, isi ndetse n'ibinyabuzima by'ibihingwa.

Andi magambo ari hagati y'imirongo ya 2 na 20 aratandukanye. Ni amagambo agaragaza impinduka cyangwa se gufata ikintu cyari kiriho ugahindura ishusho ya cyo. Igikorwa gikurikira cy'irema gikorerwa mu mazi. Ku murongo wa 21 dusoma ibi: *"Imana irema ibifi binini byo mu nyanja, n'ibintu byose nk'uko amoko yabyo ari, Imana ibona ko ari byiza."*

Na none, hari ukwemeranya kuri hagati y'inkuru ya Bibiliya n'ubugenge. Abanyabugenge basa nk'abemera neza ko ubuzima bw'inyamaswa bwatangiriye mu mazi, kandi icyo ni cyo inkuru yo mu Itangiriro ivuga.

Ikindi gikorwa cy'irema gikorerwa mu murongo wa 27: *"Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo, afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye, umugabo n'umugore ni ko yabaremye."*

Ihishura ry'Itangiriro ry'irema rivuga ku itangira rya buri kintu kiri mu isi. Nyuma y'ibi bikorwa by'umwimerere by'irema ariko, Umwuka w'Imana arahindura ndetse ugakuza iri rema ry'umwimerere. Ibi bigararagaza icyo abanyabugenge babonye ku byerekeye ishusho y'ubuzima kandi mu byerekanye n'ibi mbona by'imitekerereze yo gutera imbere.

Aho abemera iby'irema n'abemera iby'ubugenge badashobora kwemeranya birenze ikibazo cy'icyo nita amahuriro atatu abura. Ibyo biraro bitatu bibura byibanda ku bibazo bitatu. Ese byatangiye gute? Ni gute ubuzima bw'ibihingwa bwahindutse ubuzima bw'inyamaswa? Ni gute inyamaswa yahindutse umuntu?

Ubugenge nta busobanuro bufite kuri ibi biraro bitatu bibura. Ariko Itangiriro rirabifite. Igisubizo cy'inkuru yo mu Itangiriro ni iki: Imana yararemye.

Igice cya gatandatu

Ivuka rya muntu

Twavuze ku nkomoko y'iyi si, ubu rero reka tuvuge ku y'umuntu. Muri iki gice, tureba icyo iki gitabo cy'Itangiriro kivuga ku nkomoko y'umuntu. Wibuke ko intego y'igitabi cy'Itangiriro ari ukubivuga uko byari kugira ngo tubashe gusobanukirwa uko biri. Ubwo tugeze ku nsanganyamatsiko ituvugaho. Ni iki igitabo cy'Itangiriro kivuga ku ntego y'Imana mu kurema umuntu? Reka dutangire dusoma ubusobanuro bw'uburyo umugabo n'umugore babayeho.

Imana yaravuze iti: *"Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe batware amafi yo mu nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere n'amatungo n'isi yose, n'igikururuka hasi cyose." Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo' afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye, umugabo n'umugore ni ko yabaremye. Imana ibaha umugisha, irababwira iti: "Mwororoke mugwire, mwuzure isi." Kandi Uwiteka Imana iravuga iti:"si byiza ko umuntu aba wenyine, reka muremere umufasha umukwiriye "Uwiteka Imana isinziriza uwo muntu ubuticura arasinzira, imukuramo urubavu rumwe ihasubiza inyama, urwo rubavu Uwiteka Imana yakuye muri uwo muntu, iruhundura umugore imushyira uwo muntu. Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe*. (Itangiriro 1:26-28a, 2:18, 21-24)

Mu ishusho y'Imana

Ikintu cya mbere kigaragara muri uyu mwandiko ni uko umuntu yaremwe mu ishusho y'Imana. Ayo magambo twarayamenyereye, ariko se ni iki asubanuye koko? Ubwo Imana ari Umwuka ubwo nta mubiri igira, ibi rero bishobora kuba bidafite aho bihurije n'uko dusa.

Icyo bihuriyeho ni ubushobozi dufite bwo kuba abanyamwuka. Ubwo nibwo buryo dusamo n'Imana. Birumvikana ko, mu Itangiriro 3, tubona ko uku gusa n'Imana byangiritse igihe Adamu na Eva bacumuye. Kuva ubwo, ikibazo cy'ibanze ibyanditswe biba bihangana na cyo ni icyo cyo "kongera kurema" ishusho y'Imana mu muntu. Itangiriro 1 na 2 bitwereka umuntu nk'uko yaremwe ndetse n'uko yayombaga kuba. Itangiriro 3 hatwereka uko umuntu ari.

Umugabo n'umugore

Ukundi kwitegereza twagira ku byerekeye n'iremwa ry'umuntu ni uko Imana yaremye Umugabo n'umugore. Uru ni rwo rugero rwa mbere rwo kubaga hakoreshejwe ikinya. Umusinziriza wa mbere yabaye Imana. Yasinzirije Adamu ubuticura, maze imukuramo urubavu rumwe, maze muri urwo rubavu iruremamo umugore. Iki kimenyetso ni cyiza. Imana ntiyakuye umugore mu mutwe w'umugabo kugira ngo azamutegeke kandi ntiyamukuye mu maguru ye kugira ngo azamukorere. Yakuye umugore mu rubavu rw'umugabo, kugira ngo abe hafi y'umutima we.

Ese kuki Imana yaremye umugore? Ijambo ry'Igiheburayo risobanuye "wenyine" ryasobanurwa neza ko ari "utuzuye". Ugiye mu nyungura magambo y'Igiheburayo, usanga ko igihe Imana yahuje uyu mugabo n'umugore mu cyo twita uyu musi "urushako rwera" cyangwa mu mibonano mpuzabitsina, uwo mugabo n'umugore bagizwe umwe mu mubiri bagize umuntu umwe wuzuye.

Ni ingenzi kumenya ko igihe Imana yahuzaga uwo mugabo n'umugore, yaremye igikorwa cy'ingenzi cyane dufite hano ku isi muri iki gihe. Tucyita umuryango cyangwa urugo. Wari umugambi w'Imana ubwo yaremaga umugabo n'umugore gufata abantu babiri maze ikabahuza kugira ngo babe ababyeyi babyara abantu bazaba ababyeyi igihe kimwe na bo bakabyara abantu na bo bazaba ababyeyi. Iri ni ryo tegeko rikomeye ry'ubuzima ryabyawe rikarerwa ndetse rigahabwa icyerekezo ku muryango wose w'umuntu.

Ubufatanye hagati y'umugabo n'umugore ni igice cy'ingenzi cyane cy'itegeko ry'Imana ry'ibanze ry'ubuzima. Ni yo mpamvu yabaremye ari umugabo n'umugore. Tekereza mpande eshatu Imana iri hejuru, umugabo ari hepfo ku ruhande rw'ibumoso n'umugore ari hepfo ku ruhande rw'iburyo rw'iyo mpande eshatu. Niba umugabo afitanye umubano n'Imnana kandi n'umugore nawe afitanye umubano n'Imana, ubwo rero iyo umugabo n'uwo mugore begereye Imana, ni nako bagendana begerana.

Nusoma ibyerekeye urushako mu gitabo cy'Itangiriro igice cya gatatu, aho Adamu na Eva bariye igiti babujijwe. Igice cya kabiri cyatweretse umuntu, uko yaremwe ndetse n'uko Imana yashakaga ko abaho. Iki gice kitwereka icyaha, uko cyari icyo igihe, n'uko kiri uyu munsi. Kitwereka Adamu na Eva bahura n'ingaruka z'icyemezo

bafashe, kimwe nizo duhura nazo buri munsi: Ese dufata ibyemezo bihamanya n'inzira y'Imana cyangwa dufata ibyemezo bigendanye n'uko dushaka? Imana yatugize ibiremwa bigira amahitamo. Ku bw'iyi mpamvu, twakora ubushake bw'Imana cyangwa twakora ubushake bwacu. Igice cya gatatu cy'Itangiriro kidusobanurira inshuro ya mbere icyo kibazo cyabaho. Gisobanura intambara y'ubushake uko byari kugira ngo dusobanukirwe iyo ntambara uko iri mu buzima bwacu muri iki gihe.

Aho byahereye hatubwirwa mbereho gato, mu gice cya 2:8-9, ngo: *"Uwiteke Imana ikeba ingombyi muri Edeni mu ruhande rw'iburasirazuba iyishyiramo umuntu yaremye. Uwiteka Imana imezamo igiti cyose cy'igikundiro cyera imbuto ziribwa, imeza n'igiti cy'ubugingo hagati muri iyo ngombyi, imezamo igiti cy'ubwenge bumenyesha icyiza n'ikibi."*

Hari abantu bafite igitekerezo cy'uko igiti cyabujijwe ari igiti cya pome, ariko ntaho bivugwa ko ari igiti cya pome, n'aha mu gice cya gatatu. Ahubwo dusoma iby'igiti cy'ubwenge bumenyesha icyiza n'ikibi.

Mbere y'uko dukomezamo rero, dukeneye kuvuga ku bwoko bw'ururimi rurimo gukoreshwa hano. Iyi nkuru ni amateka ariko kandi ni umugani. Umugani ni inkuru abantu, ibintu n'ahantu bibonerwamo ubusobanuro bwisumbuye ku busobanuro bw'amateka cyangwa bugaragara kandi akenshi urigisha mu buryo bw'imyifatire.

Mu busobanuro bw'ingobyi ya Edeni, ubwoko bw'ibiti dusoma bugaragaza ko Imana yari igamije gukemura ibyifuzo by'umuntu aha hantu. Itegereze icy'ibanze: mbere na mbere, ibi biti byagombaga guhaza kwifuza kw'amaso y'umuntu, bigahaza kwifuza ibyo kurya, bikaba byaragombaga no kubaka ubugingo. Ariko kandi hari igiti cy'ubwenge, kandi cyatangajwe n'Imana ko nta herezo kigira.

Mu gice cya gatatu, aho iyi nkuru y'icyaha cya mbere cyabereye, witegereje ko urutonde rw'ibibanza rwahindutse. Aho gushyira ijisho ku mwanya wa mbere, ibiryo ku mwanya wa kabiri, ubugingo ku mwanya wa gatatu, ubwenge nta na rimwe, bashyize ibyo kurya ku mwanya wa mbere, bakurikizaho ubwenge maze ntibigera babona ubugingo. Ahubwo babonye urupfu mu buryo bw'umwuka. Gutegeka kwa Kabiri 8:3

harabivuga ngo: *"umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana niyo amutunga."* Ntabwo tubaho ari uko twasohotse gushaka uburyo twabona uko ibyifuzo byacu byakemurwa. Dukurikije uyu murongo, ubuzima nyabwo buva ku kumvira buri jambo riva mu kanwa k'Imana.

Igihe Imana yashyiraga Adamu na Eva muri iyo ngombyi, yabahaye buri kintu cyose bari gukenera. Yari izi ibyo bifuza kuko ari yo yabaremye. Kandi kuko yaturemye, izi ibyo twifuza byose, kandi ifite ubushake bwose bwo kubikora. Ubu rero ushobora kwibaza impamvu ijisho ryaje mbere ku rutonde rw'ibiza mbere. Iyo ibyanditswe bivuze ijisho, akenshi ntibiba bivuga ijisho nya jisho ry'umubiri, urugero, muri Matayo 6:22:23, Yesu yaravuze ati: *"Itabaza ry'umubiri ni ijisho, nuko rero niba ijisho ryawe rireba neza, umubiri wawe wose uzuzura umwijima."* Yesu ntiyarimo kuvuga kureba k'umubiri. Yavugaga uburyo tureba ibintu, imitekerereze yacu, uburyo tubona ubuzima. Kandi ubwo Imana yashyiraga ikinejeje amaso mu ngobyi ya Edeni ku mwanya wa mbere, yavugaga ko bagomba kuyihanga amaso kugira ngo ikemure kimwe mu byifuzo byabo bikomeye. Icyifuzo gikomeye bari bafite kandi natwe dufite ni ukureba Imana ikatwereka uko tugomba kureba ibintu. Ariko, hari n'indi shusho muri iki gice. Nyuma y'uko Adamu na Eva bemeye koshywa, dusoma ko bumvise ijwi ry'Umwami Imana igendagenda mu ngobyi mu mafu ya nimunsi, maze Adamu na Eva bihisha kubaho k'Umwami Imana mu biti byo mu ngobyi. Maze Umwami Imana ihamagara Adamu iramubaza it:"Uri he?"(8-9).

Biratangaje kuba Imana yaratangiye ikiganiro cyayo na Adamu na Eva ibaza ibi bibazo: "Uri he? Ni nde wakubwiye ko wamabye ubusa? (Itangiriro 3:9-11) Birumvikana ko Imana yari izi ibisubizo byabo, ibera hose icya rimwe ireba buri kimwe cyose. Imana yabajije ibi bibazo kubera ibintu Adamu na Eva batari bazi. Ibibazo byabajijwe kugira ngo bibafashe gutekereza. Urabona, igihe Imana yabazaga iti, "urihe?" yari irimo kubaza iti: "Kuki murimo kunyihisha?"

Ikibazo cy'Imana cya kabiri, gikurikira ukwatura kwa Adamu ko yihishe kuko yari yambaye ubusa, ndagikunda cyane. Kigira kiti: "Ni nde wababwiye ko mwambabye ubusa?"(11a). Mu Giheburayo, ikibazo

kibaza gitya: ”Ni nde wabibamenyesheje?” Birumvikana ko igisubizo nya cyo, ari uko Imana ari yo yari ifite isoko y’ayo makuru, Nk’uko n’ubundi ari yo soko y’amakurru yose. Hari amakuru amwe ishaka ko tumenya hakaba n’andi iduhisha, ariko nta makuru idafite yo ubwayo. Igihe icyo ari cyo cyose tumenya aho turi mu buryo bw’umwuka,tubitekerezeho, Imana niyo ituma tumenya aho turi n’aho tugomba kuba.

Igikurikira Imana ibaza ni iki: ”*Mwariye kuri iki giti nababujije*?”(11b) Adamu na Eva ntibari barumviye Imana, none barimo kwihisha mu bihuru, bitwikira ibibabi ku mibiri yabo, barimo gukubitika ku bw’ingaruka. Niba urimo guhura n’ingaruka zitoroshye, ujye wibaza iki kibazo: Wariye ku giti wabujijwe? Ese umaze igihe utumvira Ijambo ry’Imana? Ese urimo kwirengagiza icyerekezo cya yo mu buzima bwawe?

Ikibazo cya kane Imana ibaza ni: ”*Ni iki wakoze*?” kibazwa Eva kandi kgituma yatura n’ubwo yagize urwitwazo. Ijambo ”kwatura” bivuze “kuvuga ibyabaye.” Mu yandi magambo, kwatura ni ukwemeranya n’Imana ku cyo wakoze. Imana yashakaga ko Eva ashyira impamvu ku meza hagati yabo, kugira ngo bafatanye gukemura icyari cyabaye. Kandi icyo ni cyo idushakaho natwe. Ishaka ko tumenya icyo twakoze maze tugihangare mu kuri.

Itangiriro 3 ni ishusho y’abantu babiri bakoze icyaha n’uburyo Imana yabashyize ku murongo, ariko kandi n’ishusho kuri twe twese twacumuye kandi itwereka uburyo Imana idushyira ku murongo iyo twihishe Imana mu gihe twacumuye. Ni ishusho y’icyaha n’ingaruka za cyo. Kandi ni ishusho y’Imana ikurikirana umunyabyaha ndetse ifungura uburyo bw’ibiganiro.

Igice cya munani

Murumuna wawe ari he?

Bumwe mu butumwa bw’ingenzi bwa Bibiliya ni icyifuzo cy’umuntu cyo kwiyunga n’Imana. Kandi itangira ubwiyunge kare gashoboka igihe icyaha cya mbere cyabereye. Mu Itangiriro 3:15, ubuhanuzi bwa mbere buhanura bugaragara mu gihe Imana ivugisha inzoka: ”*Nzashyira urwango hagati yawe n’uyu mugore, no hagati y’urubyaro rwawe n’urwe, ruzagukomeretsa agatsinsino*.”

Kumenya ko inzoka ihagarariye Satani, ubu nibwo bumenyi bwa mbere Imana izaniye umuntu uri muri iyi si ugiye gutunganya ibintu. Iyo ni yo ngaruka yahanuwe n'icyaha cya Adamu na Eva.

Habayeho ingaruka mbi nyinshi cyane! Icyaha cya mbere, umuntu yatandukanye n'Imana. Hanyuma mu gice cya kane dusoma iby'indi ngaruka yo kugwa, amakimbirane. Imana idusobanurira amakimbirane nk'uko yahoze kugira ngo dusobanukirwe amakimbirane uko ari. Tugirana amakimbirane natwe ubwacu, tugirana amakimbirane n'abo twashakanye nabo, tuyagirana n'abana bacu n'ababyeyi bacu. Tugirana amakimbirane m'aho dukora ndetse tugira amakimbirane hagati mu bihugu. Amakimbirane ni kimwe mu bibazo binini dufite: Mu Itangiriro 4, duhishurirwa zimwe mu mpamvu z'ibanze z'amakimbirane ndetse na bimwe mu bisubizo byabikemura. Igitabo cy'Itangiriro kiduha aya makuru mu buryo bw'inkuru y'abavandimwe babiri.

Amazina y'aba bavandimwe turayazi cyane, ni Kayini na Abeli. Dukomeje inkuru, Kayini yagize igitekerezo cyo guha Imana ituro. Kuko yari umuhinzi, yatuye Imana ituro avanye mu buhinzi bwe. Murumuna we Abeli yari umwungeri, maze we ayitura ituro ry'itungo. Ituro rya Abeli ryemewe n'Imana, irya Kayini ntiryemerwa.

Abantu benshi bakora iri kosa ryo gutekereza ko ituro rya Abeli ryemewe kuko ryari itungo. Ariko mu by'ukuri, ibyo ntibiri mu cyanditswe. Ituro rya Abeli ryemewe n'Imana kuko we ubwe yari yemewe. Ituro rya Kayini ryo ntiryemewe kuko we ubwe Atari yemewe. (6-7) Iyo ugeze ku nkuru ya Kayini na Abeli, biroroshye gusomamo ibitarimo. Kayini ntabwo yari yabwiwe kuzana ituro ry'itungo, ahubwo, mu gitabo cy'Abalewi, abantu babwirwaga kuzana ibihingwa mu gihe ari byo babaga bejeje. Ubwoko bw'ituro rero si cyo kibazo cy'ingenzi muri iyi nkuru, abantu bo ubwabo ni bo bari ingenzi. Kayini we ubwe ntiyari yemewe, maze mu gihe abihishuriwe ararakara acika intege.

Nk'uko yabikoze hamwe n'ababyeyi ba Kayini, Imana na none yabajije ibi bibazo: *"Kuki urakaye? Kandi ni iki gitumye ugaragaza umubabaro?"* Birumvikana ko Imana yari izi ibisubizo by'ibi bibazo neza cyane. Ariko umutima udatuje wa Kayini usa nk'utarumvise icyo ivuga, maze Imana irakomeza, iti: *"Nukora ibyiza ntuzemerwa?*

Ariko nudakora ibyiza, ibyaha byitugatugira ku rugi, kandi ni wowe byifuza ariko ukwiriye kubitegeka.”(7) Ikibabaje, Kayini ntiyategetse icyaha ku murongo wa munani, tubwirwa ko yishe murumuna we. Na none ibi bibazo byaragarutse: ”*Murumuna wawe ari he*?” Ni *iki wakoze*?” Ariko Kayini yari agifite umutima utari mwiza, yanga kwemera icyaha cye kugeza ubwo Imana yabimweretse ko yari azi icyabaye. (9-10).

Mu Itangiriro 3, ikibazo cyari, “uri he?” Mu Itangiriro 4, ikibazo ni: ”Murumuna wawe ari he?” Ibaza iki kibazo, Imana yari irimo kugerageza gutuma Kayini amenya icyari cyabaye ko yarakariye inzirakarengane kandi ko mu by’ukuri yari akirakaye. Ibikorwa bye nta cyo byakemuye, ahubwo byatumye ibintu birushaho kuba bibi.

Dusubiye inyuma gato, umurongo wa 7 ni wo murongo nyamukuru w’iyi nkuru yose. Uvuga ikibazo nya cyo cy’amakimbirane kandi utanga igisubizo cya cyo: Nukora ibyiza, uzemerwa n’Imana, uzemerwa nawe ubwawe, kandi ntibizaba ngombwa ko unyura mu buzima ukubita uwemewe kugeza ubwo apfuye. Hari icyanditswe mu kibwirizwa cyo ku musozi gisa n’iyi nkuru ya Kayini na Abeli. Gisangwa mu mirongo 5 ya mbere y’igice cya karindwi cya Matayo. Yesu abaza ibibazo abantu b’indyarya z’urwego rwo hejuru. Ababaza impamvu bagaya abandi n’uburyo bagira umumaro bafite uwo mwuka wo kugaya abandi? Akoresha uru rugero rukojeje isoni ko bameze nk’abantu babwira bagenzi babo ngo bareke babatokore agatotsi kari mu ijisho ryabo, kandi bafite imigogo mu maso yabo. Abantu benshi batekereza ko iki cyanditswe kiba kitubwira kudacira abandi urubanza. Ariko Yesu yari arimo kuvuga icyo Imana yarimo kwigisha Kayini: ”Urimo kwita ku kibazo kitari cyo. Rekeraho guhangayikishwa na murumuna wawe, ahubwo irebe ubwawe.

Ariko nubwo Abeli yapfuye dushima ko yapfuye atakoze nabi. Nyuma, imbyaro ebyiri, mu Itangiriro 4:26, tubona urugero rwa mbere umuntu ari we utangije ubusabane n’Imana cyangwa kuramya Imana. Kuva icyo gihe, kuganira kose hagati y’Imana n’umuntu byagiye bitangizwa n’Imana.

Twese duhura n’amakimbirane mu bihe bitandukanye. Rimwe na rimwe si twe biturukaho, ubundi bikaba ari twebwe. Ariko igihe cyose uzisanga mu makimbirane,

ujye ugerageza utegeke amarangamutima yawe maze wibaze ikibazo nya cyo icyo ari cyo. Maze nk'uko Itangiriro 4:7 havuga, ujye ukora ibyiza, maze, wemerwe imbere y'Imana ndetse nawe ubwawe kugira ngo utazanyura mu buzima ukubita ba Abeli kugeza bapfuye.

Igice cya cyenda

Sekuru wo kwizera

Ubu noneho tugeze ku cyiciro kigari cy'igitabo cy'Itangiriro, gifite aho gihuriye n'abantu batatu bazwi neza muri Bibiliya: wibuke ko, umwanya uhabwa insanganyamatsiko runaka ugira icyo utubwira ku mumaro wayo. Insanganyamatsiko y'iki gice cy'Itangiriro kitubwira inkuru ya Aburahamu, no kwizera. Mu gihe tuzba twiga ibindi bice byinshi bikurikiraho, Imana irashaka ko dusobanukirwa kwizera uko kwari ndetse n'uko kumeze ubu.

Abaheburayo igice cya 11,kizwi nk'igice cya Bibiliya cyo kwizera, kivuga ibi kuri iyi nsanganyamatsiko: *"Ariko utizera ntibishoboka ko ayinezeza, kuko uwegere Imana akwiriye kumenya y'uko iriho, ikagororera abayishaka*."(6)

Ubwo kwizera ari ingenzi cyane kandi Imana ikaba ishaka ko dusobanukirwa kwizera icyo ari cyo, itubwira inkuru y'umugabo witwa Aburahamu.Uyu mugabo avugwa mu Isezerano Rishya kurusha undi muntu uvugwa muri Bibiliya yose, iteka bihura no kwizera. Niba ushaka gusobanukirwa kwizera, ukeneye gusobanukirwa Aburahamu.

Izina rye

Uyu mugabo ni ubusobanuro nyabwo bwo kwizera. Ubwa mbere tumubona ku musozo w'Itangiriro 11. Izina rye riba ari Aburamu, risobanuye ngo, "Ise w'abahungu benshi." Ni izina ritangaje ry'Umugabo w'imyaka 75 utagira umwana! Kandi Imana yabwiye Aburamu ko izagwiza urubyaro rwe rungane n'umukungugu wo hasi. Umuntu ashoboye kubara umukungugu wo hasi, urubyaro rwawe na rwo yarubara."(13:16) Kandi kubwo kumvira mu bwizerwa kwa Abrahamu, yumvira n'iri tegeko Imana imubwiye, twavuga ko yizeraga Imana byibuze muri buri kibazo yahuraga na cyo.

Ibicaniro bye

Kenshi dutekereza kuba twahamagarwa mu butumwa ahantu runaka cyangwa mu itorero cyangwa mu mushinga runaka. Ariko se

dutekereza kuba twahamagarwa ku Mana? Ubwose Imana igusabye kwerekeza mu butayu itakubwiye impamvu wabigena ute? Icyo ni cyo cyabaye kuri Aburahamu igihe yari Afite imyaka 75 (Itangiriro 12:1-4). Imana yari irimo guhamagarira Aburahamu gusiga se, igihugu cye ndetse n'abanyamuryango be bose akajya mu butayu. Hari impande ebyiri z'iyi nkuru nk'uko ziba kuri buri nkuru y'Imana! Uruhande rw'Imana n'uruhande rw'umuntu. Kugira ngo turebe uruhande rw'Imana, soma uko Imana yabonekeye Aburahamu. Imana yabonekeye Aburahamu incuro umunani. Ni yo yatangiye ubusabane kandi uko ni ukuri kuri buri mubano n'Imana. Mu Abaroma 3:11, Pawulo atubwira ko nta muntu ushaka Imana, Imana niyo ishaka umuntu. Iyo umuntu agaragaye nk'urimo gushaka Imana, ni igikorwa aba akora cyo kwitaba Imana irimo kumushaka. Iteka Imana niyo itangiza umubano.

Uruhande rw'umuntu rw'uwo mubano cyangwa kwitaba Imana kwa Aburahamu, biza mu buryo bw'ibicaniro bine Aburahamu yubatse. Igicaniro cya mbere cyubatswe mu kibaya cy'i More, aho Imana yabonekeye Aburahamu ikamubwira iti: *"Nzaha iki gihugu abazagukomokaho bose."* (12:7). Ijambo "More" bivuze "kwigisha cyangwa Gushaka" Icyo gicaniro cya mbere cya Aburahamu nkita "Igicaniro cyo kwitaba" kuko cyubatswe yitaba Imana yari irimo kumuhamagara kujya mu butayu.

Igicaniro cye cya kabiri cyubatswe hagati ya Hayi na Beteli. Mu Giheburayo, Beteli bivuze "inzu y'Imana." Ubwo Imana nta nzu yagiraga icyo gihe, iri jambo rigaragara nk'irisobanuye "ahantu Imana iri." Hayi bisobanuye, "Kwangirika, umubabaro, ibyobo." Abaroma 6:23 havuga ko "ibihembo by'icyaha ari urupfu" kandi icyo ni cyo izina ry'uwo murwa rigaragaza. Mu burasirazuba bwa Hayi yari arimo kuvuga, "Nyigisha." Ku gicaniro cye cya kabiri, agaragarisha aho ari ko atari afata umwanzuro w'uburyo yakwakira icyo Imana irimo kumwigisha. Aburahamu asiga iki gicaniro cya kabiri ajya mu majyepfo mu buryo bufatika no mu buryo bw'umwuka. Yabwiye umugore we kuvuga ko ari mushiki we kugira ngo abagabo b'Abanyegiputa batazamwica kugira ngo bamujyane. Yageze mu bibazo byinshi ndetse asa n'uwatakaje umurongo" mu buryo bw'umwuka.

Nyuma y'ibyamubayeho, Aburahamu yasubiye aho yubatse igicaniro cya kabiri maze ahamagara Imana. Nyuma y'uko kuramya

yasabye loti ko batandukana. Ibyanditswe ntibitubwira icyo baganiriye, ariko bisa nk'aho Imana yamutunze agatoki ko atagomba kubana na Loti. Kandi ubwo Loti yagiye kuba mu byaha by'i Ssodomu na Gomora, twabona impamvu ya byo.

Loti ajya i Burasirazuba, Aburahamu ajya i Burengerazuba maze yubaka igicaniro cya gatatu ahantu hitwa Heburoni.

Ijambo Heburoni risobanuye "ubusabane." Ntekereza na none ko iri zina rifite icyo rigaragaza. Aho igicaniro cya mbere cyavugaga, "Nyigisha" icya kabiri kikavuga "sinzi neza" cyangwa, "Ndi mu mayirabiri." Iki gicaniro gisobanuye ngo, "Mana ndashaka kukumenya." Iki gicaniro ncyita "Igicaniro cy'Umubano". Mu bice bibiri bya mbere by'inkuru ya Aburahamu, igice cya 12 na 13, Aburahamu yubatse ibicaniro bitatu. Ku gice cya 22 niho yongereye kubaka ikindi gicaniro. Ese habaye iki hagati y'igicaniro cya gatatu n'icya kane?

Ubwo Aburahamu yavugaga ati: "Mana ndashaka kukumenya," ntekereza ko Imana yamusubije iti: "Aburahamu, niba hari icyo ndi cyo kuri wowe, ndi byose. Kuko nutambona nka byose, ubwo nta cyo nzaba ndi cyo kuri wowe. "Kandi ubuzima bwa Aburahamu bwari bwuzuye ibindi bintu atashakaga kureba.

Mu Itangiriro 16, tubona Aburahamu na Sara bibaza uburyo Imana igiye kuzasohoza isezerano ryayo ryo kubaha urubyaro,maze bafata icyemezo cyo kuyifasha. Abibwiwe n'umugore we, Aburahamu aryamana n'umujakazi we w'umunyegiputa witwaga Hagayi(1-4). Yabyaye umwana wiswe Ishimayeli, akaba ari we wakomotsweho Abarabu. Ntihari kuba hariho intambara mu burasirasuba bwo hagati iyo Aburahamu adahitamo gufasha Imana.

Nizera ko Hagayi agaragaza ubundi bwoko bw'ikibazo mu mubano wa Aburahamu n'Imana. Igicaniro cya gatatu, igicaniro cy'umubano, cyerekeye iby'umubano w'ikijyejuru n'umubano w'intambike. Ni ibintu by'agaciro kugira ngo Aburahamu amenye Imana akure Loti mu buzima bwe. Loti ahagarariye abantu dushyira mu buzima bwacu Imana idashaka ko baba mu buzima bwacu. Na none byamusabye gukura Ishimayeli mu buzima bwe. Ishimayeli, ahagarariye amahirwe yo kwizera ko umwanzi ukomeye w'icyiza cyane cy'Imana ari ikintu cyiza. Imana yabonekeye Aburahamu imubwira kwirukana Ishimayeli. Imana irimo

kurandura umwe kuri umwe aba bantu bose barimo gupiganira umwanya wa mbere n'Imana mu buzima bwa Aburahamu.

Sara ni ubundi bwoko butandukanye bw'ikibazo. Sara ni ishusho y'Abantu Imana ishyira mu buzima bwacu ariko tutamenya ko ari abo Imana yaduhaye. Imana yagombye kubonekera Aburahamu incuro ebyiri imubwira Sara. Ubwa kabiri yaramubwiye iti: "Sarayi umugore wawe ntukamwite Sarayi ukundi, ahubwo ujye umwita Sara. Nanjye nzamuha umugisha kandi nzaguha umwana w'umuhungu kuri we." (17:15-16) Aburahamu yumvise ibi arubama, araseka! Sara yumvise iyi nkuru nawe araseka! Nyuma y'umwaka, Aburahamu na Sara babyara umuhungu kandi Imana yari yababwiye kumwita Isaka, ari byo bivuze mu Giheburayo "Ibitwenge." Imana ntiyigeze ishaka ko "izi ntwari zo kwizera" zibagirwa ko bayisetse ubwo yababwiraga ibyo yari igiye kuzakora.

Ubwa nyuma, igihe Isaka yari ingimbi, Aburahamu yubaka igicaniro cya kane, kandi iki cyo ni cyo cy'ingenzi kurusha ibindi. Cyubatswe ku musozi wa Moriya. Moriya bivuze "Yehova azironkera." Kugeza ubu Aburahamu niwe wihitiragamo ahantu ho gutambira ibitambo, ariko iki gicaniro cya kane cyari gitandukanye. Kuri ubu, Imana niyo yahisemo ahantu kandi ni nayo yavuze igitambo ishaka, Isaka.

Isaka si umuhungu wa Aburahamu na Sara mu myaka yabo mikuru gusa ahubwo ni ugusohozwa kw'imyaka makumyabiri n'itanu yo kwizera. Ubu noneho Imana iravuga, iti: "Ndamushaka." Maze Aburahamu azamukana uwo muhungu ku musozi arimo gutitizwa no gukora ibyo Imana yamusabye. Ariko ku munota wa nyuma amaze kugaragaza kumvira kwe, Imana yironkera umwana w'intama nk'igisimbura ubuzima bwa Isaka (Itangiriro 20:1-19). Aburahamu yise aho hantu Yehova-Yire, ari byo bivuze ngo, "Yehova azironkera." Uyu mugani wo kwizera uvugirwa mu bicaniro bya Aburahamu, ko ku musozi wo guhitamo, igicaniro cy'Imana mbere" Imana itanga umusaruro w'imyaka 25 yo kwizera. Aburahamu ntiyatanze Isaka kuri iki gicaniro cya Kane. Ku gicaniro cy'Imana mbere" Aburahamu yaritambye. Ubutumwa bwa Bibiliya bwahinwa mu magambo abiri, "Imana mbere." Ibyo rero ntibyoroshye ariko kandi ntibinagoye. Ni Imana yawe, cyangwa si Imana yawe. Amaherezo yaje kuba Imana ya Aburahamu.

Igice cya cumi

Uri nde?

Inkuru ya Yakobo ni inkuru ihebuje. Izina rya Yakobo ryari risobanuye "Umwambuzi" kuko igihe we n'impanga ye bavukaga, yaje afashe agatsinsino ka mukuru we wari uvutse mbere. Yabayeho asohoza icyo izina rye rivuga. Hari ibintu bibiri byagombaga kuba ho mu muryango we kandi Yakobo yarabisingiriye byombi. Umunani wari umurage wahabwaga umuhungu w'imfura kandi umugisha wari isezerano Imana yahaye Aburahamu wahawe Isaka kandi wagombaga guhabwa umuhungu we w'imfura. Amaze kubeshya se no gutwara umunani n'umugisha, nyina aramusanga aramubwira ati: *"Dore mukuru wawe Esawu agiye kwimarisha agahinda wanuteye kukwica. Nuko rero mwana wanjye nyumvira, haguruka uhungire i Harani kwa Labani musaza wanjye umarane nawe iminsi itari myinshi, ugeze aho uburakari bwa mukuru wawe buzashira."*(Reba 27:42-43).

Ijoro rya mbere Yakobo ataraye iwabo, yagize inzozi. Muri izo nzozi, yabonye urwego abamalayika bazamukagaho banamanukiraho. Muri izo nzozi Imana yaramubonekeye yongera kwemeza isezerano yasezeranije kugira yakobo umwe muri uwo mugambi, yongeraho ibi: *"Dore ndi kumwe nawe, Nzakurindira aho uzajya hose, kandi nzakugarura muri iki gihugu, kuko ntazagusiga ntarakora ibyo nkubwiye."* (28:15) Yakobo abyukira mu nzozi ze yuzuye gutanagara. Aravuga ati: *"Ni ukuri Uwiteka ari aha hantu, nanjye nari ntabizi."* Maze mbere y'uko akomezamo urugendo rwe, afata ibuye yari yiseguye, arisukaho amavuta, arahira kuzatanga kimwe mu icumi ku byo Imana izajya imuha byose. (18-22)

Intambara ya Yakobo

Ubu rero igikurikiraho ni igice cy'ingenzi cy'ubuzima bwa Yakobo. Nyuma y'imyaka 20 yo gukorana cyane na nyirarume witwa Labani, Yakobo yagize ubuzima bwo gukirana n'Imana bwo mu mwuka. Ubwo buzima busobanurwa mu gice cya 32 cy'Itangiriro, aho dusoma ngo: *"Haza umugabo aramukiranya, bageza mu museke. Abonye yuko atamutsinze akora ku mutsi wo ku nyonga y'itako rye, umutsi wo ku nyonga y'itako rya Yakoba ureguka bagikirana. Uwo mugabo aramubwira ati: "Ndekura kuko umuseke utambitse." Aramusubiza, Ati: "Sinkurekura utampaye umugisha! Aramubaza ati: witwa nde?" Aramusubiza ati: "Ndi*

Yakobo! Aramubwira ati: Ntucyitwa Yakobo ukundi ahubwo uzitwa Isirayeli, kuko wakiranyije Imana n'abantu ukanesha." Yakobo aramubwira ati: "mbwira izina ryawe." Aramubaza ati: "Ni iki gitumye umbaza izina ryanjye? Amuherayo umugisha. Yakobo yita aho hantu Penuweli ati: "Ndabesheje Imana amaso, sinapfa."(24-30)

Menya ikibazo Imana yabajije yakobo: "Witwa nde?" Mu bihe bya Bibiliya amazina yagiraga icyo avuze, nk'uko twamaze kubivuga. Hari icyo yavugaga ku muntu wabaga uyafite, yasobanuraga umuntu uwo ari we. Kuri iki kibazo, Imana ntabwo yibazaga izina rya Yakobo. Yari irimo kubaza iti: "Uri nde?" Kandi, birumvikana, si uko yashakaga kumenya igisubizo ahubwo ni uko yashakaga ko Yakobo amenya igisubizo. Izina Yakobo nk'uko twabibonye mbere, rivuze "umushikuzi". Ariko izina rye rishya, Isirayeli, izina urubyaro rwe rwose rizitirwa, ryavugaga "umurwanyi".

Hano rero hari indi ngingo y'ubusobanuro muri iyi nkuru tutacikwa. Mbyita "Umugisha w'ikamba rimugaye" Kuko Yakobo yabaye umunyamahane, Imana ntiyari kumuha umugisha itabanje kumuvuna.

Rimwe na rimwe Imana hari ubwo Imana itubura idushakishije ikoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose, ubwo rero igomba kutumugaza mu buryo bumwe, iduhatira kuyigirira icyizere. Uko niko byagendekeye yakobo. Maze amaherezo, Yakobo abona ubutumwa. Amaze guhura na Esawu utarigeze umurwanya, ahubwo barahoberanye begamiranya amajosi aramusoma kuko "Imana yamuhereye Ubuntu."(33:11) Si uko yabishikuje, ahubwo ni ku bw'ubuntu bw'Imana. Ubuntu ni akamero k'Imana kuduha imigisha tudakwiye. Imbabazi z'Imana zitwima ibyo twari dukwiriye.

Imana kandi itwigisha kuyigandukira. Rimwe na rimwe ihitamo kubikora ibanje kutuvuna kugira ngo iduhe umugisha. Dukeneye kureba ahantu hatatu kugira ngo turebe aho twagombye kuba. Mbere na mbere dukeneye kureba hejuru. Mu nkuru zose zo muri Bibiliya tuziga, tuzabona ko kenshi bisaba Imana igihe kirekire kubona abantu "barebye hejuru". Ariko kureba Imana ni ngombwa niba dushaka kumenya abo tugomba kuba bo. N'ubundi Imana niyo yaturemye. Niyo ifite ukuri nyako k'ubuzima bwacu.

Igikurikiraho, dukwiye kwirebamo imbere. Muri zaburi 139, Dawidi yarasenze ati

"*Mana, ndondora umenye umutima wanjye, mvugutira umenye ibyo ntekereza. Urebe yuko hariho inzira y'ibibi indimo, unshorere mu nzira y'iteka ryose.* "(23-24) Twese dukeneye gusaba Imana kurebana natwe mu mitima yacu n'ubuzima bwacu maze ikatwereka abo ishaka ko tuba bo.

Hanyuma, tugomba kureba ibitugose. Umuntu warebye hejuru akanireba imbere aba yiteguriye kureba ibimugose akabana n'abantu neza ndetse akgira uruhare mu mugambi w'Imana ifitiye isi. Ese wari wigera ureba hejuru ku Mana kugira ureba icyo ivuga k'uwo uri we muri yo? Ni kangahe ujya wirebamo ushaka kureba uko umutima umeze? Ese waba urimo kureba ibikugose kugira ngo urebe uko Imana ishaka ko ubana n'abantu mu buzima bwawe?

Igice cya 11

Imana ibishinzwe

Ubu tumaze kwiga kuri Aburahamu, watwigishije kwizera. Twarebye Yakobo, watweretse Ubuntu. Ubu noneho tugeze kuri Yozefu, inkuru ye iri mu bice 14 byose bya nyuma by'igitabo cy'Itangiriro.

Yozefu agaragara nk'umwe mu bantu beraga cyane bavugwa mu byanditswe. Mu bantu benshi bari muri Bibiliya, Imana itwereka intege nke zabo ndetse n'imbaraga zabo, ariko Yozefu ni umwe mu batarebwa n'ibyo (undi ni Daniyeli, tuziga mu masomo akurikiraho).

Inkuru ya Yozefu

Inkuru ya Yozefu mu by'ukuri ivuga ku gutanga kw'Imana. Ubutumwa bw'iyi nkuru bukubiye mu murongo wo mu Isezerano Rishya, Abaroma 8:28, uravuga ngo: "*Kandi tuzi yuko ku bakunda Imana byose bifataniriza hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk'uko yabigambiriye.*" Bene se wa Yozefu bagowe no kumenya uwo yari we, ariko yabasubije n'aya magambo ahumuriza, amagambo atwemeza gukora kw'Imana mu buryo butagaragara mu buzima bwacu: "*None ntimubabare, ntimwirahire yuko mwanguze ubuginga bw'abantu… Kandi Imana yatumye mbabanziriza ngo ibabesheho mugire icyo musiga mu isi, ibarokoze gukiza gukomeye. Nuko none si mwe mwanyohereje ino ahubwo ni Imana.*" (Itangiriro 45:5,7-8)

Mu nkuru ya Yakobo, ise wa Yozefu, twabonye umugabo wari ufite ubuzima bumeze

neza cyane, ariko atari uko ari we wabikoze ahubwo byakozwe n'Imana, ni yo yabaga imushinzwe igihe cyose. Yozefu agaragaza uko kuri, ariko ku rundi ruhande. Mu nkuru ye, hari ubwo ubuzima bwe igihe kimwe butagenze neza. Yagurishijwe na bene Se kuba umucakara, abeshyerwa kuba yarakoze icyaha, yibagirwa nabamusezeranije kumufasha. Ariko nta na kimwe muri ibi bibazo cyazanywe n'ibikorwa bye. Yanyuraga muri ibi bihe n'ibibazo bikomeye cyane, atari uko yari abikwiye, ahubwo kugira ngo Imana yiheshe icyubahiro kandi n'umugambi wa yo usohore.

Ibyo twashyira mu ngiro muri iki gihe.

Iyi nkuru itanga ishyira mu ngiro nyaro ku buzima bwacu bwite. Icya mbere, reba imibano Yozefu yari afitanye na se na bene se. Iyi mibano nta wayifuza. Biragaragara ko Yakobo atari umubyeyi wakwifuzwa. Gukundwakaza Yozefu kwe kwateye umuhungu we umubabaro kuruta umunezero, kandi nti byari byo ku bandi bahungu. Ariko se ni nde muri twe ugira ababyeyi batunganye? Ni bangahe muri twe bagira imibanire itunganye n'abavandimwe babo? Ntitwahisemo imiryango yatureze, ariko abanyamuryango bayo badufasha kuba abo turi bo.

Benshi muri twe dufite imitima yakomeretse cyangwa twarwaye imitima cyangwa dufite ibibazo mu buzima bwacu bitewe n'iyi mibano. Ariko ubutumwa iyi nkuru ya Yozefu idufitiye ni ubu: Imana ni yo itegeka cyangwa se ni yo nkuru hejuru y'ibihe by'ubuzima bwacu kandi nta kibazo kibi cyane itadukiza ndetse ikabigira byiza.

Igice cya 12

Itangiriro rirarangiye, Kuva kuratangiye

Mu gihe turimo kwiga Bibiliya, cyane cyane mu twiga Isezerano rya Kera, turashaka kureba ukwaguka k'ubu bwoko budasanzwe byabaye igihugu. Mu gitabo cy'Itangiriro dusoma ko aba bantu bakomotse kuri Aburahamu. Yakobo abaha izina, Isirayeli maze Yozefu abakiza inzara. Aho igitabo cy'Itangiriro kirangira ubona ko iki gihugu cyari kigizwe n'imiryango cumi n'ibiri gusa, kandi iyo miryango yabaga muri Egiputa. Iyo igitabo cyo Kuva gitangiye, iri tsinda ry'abantu ryari ritaraba igihugu ryarikubye riva ku moko 12 rivamo abantu benshi cyane. Mbere y'uko baba igihugu bari bakeneye umuyobozi. Igitabo cyo Kuva kigiye kutubwira umwe mu bayobozi bakomeye mu mateka y'ubwoko bw'Imana yose, yitwa Mose.

Kimwe mu bibazo bikomeye Mose yahuye na cyo ayobora aba bantu benshi bari abacakara cyari, ukutagira amategeko. Nta mabwiriza yabagaho. Nta murongo ngenderwaho yayoboresha ubu bwoko yagiraga. Ni yo mpamvu muri iki gitabo, tuzabona amategeko ya mbere yahawe umuntu n'Imana, amajana y'amategeko ya mbere yahawe umuntu n'Imana, amajana y'amategeko yakubiwe mu mategeko icumi gusa.

Mose yari afite ikindi kibazo: yari afite abantu, ariko bari ahantu hatari ho. Bari muri Egiputa, mu bucakara, kandi Imana yashakaga kubona babohowe. Ijambo kuva rivuze "Gusohoka". Byinshi by'iki gitabo birimo inkuru y'uko Abisirayeli bashakishaga uko "basohoka" mu bucakara. Igitabo cyo Kuva, hejuru yo kuba ari amateka, ni n'igitabo cy'imigani Abisirayeli bari mu bubata; natwe tudafite Kristo, tuba turi mu bubata bw'icyaha. Igitabo cyo Kuva gihangana n'ikibazo cyo gukura Abisirayeli mu bubata bw'umubiri. Bibiliya yose igahangana n'ikibazo cyo gukura abantu bose mu bubata bwo mu mwuka bw'icyaha.

Ese wari wabohorwa mu bubata bw'icyaha? Mu gice gikurikira turakomeza inyigisho yacu y'igitabo cya Kuva. Tangira ugisome nonaha, wibaza ibyo bibazo bitatu by'ingenzi: "Bivuze iki? Bisobanuye iki? Kandi ni gute nabikoresha mu buzima bwanjye?

Igice cya 13

Kugira umuntu umukuye mu busa

Kugira ngo usobanukirwe igitabo cyo Kuva, ukeneye gusobanukirwa ubwoko, ikibazo n'umuhanuzi. Igitabo cyo Kuva ni inkuru y'ubwoko bw'Imana, n'uburyo bakize ubucakara bayobowe na Mose.

Ubutumwa butatu bw'ingenzi

Nk'uko twabibonuye, ijambo kuva rivuze "Gusohoka". Ubutumwa bw'iki gitabo cyo Kuva ni ubu: Ni gute abana ba Isareyeli basohoka mu bunyage? Mbere na mbere, ubu bubata ni ububata bugaragara, bufatika, kandi inkuru yo kubohorwa kwabo bavanwa muri ubwo bubata ni kimwe mu bitangaza bikomeye byo muri Bibiliya. Ni inkuru yabayeho. Ni amateka. Uburyo ibyo byabaye n'icyo byasabye ni bwo butumwa bushimishije bw'igitabo cyo Kuva, kandi iyo niyo ntumbero ya mbere y'iki gitabo.

Mu ishyira mu ngiro, hejuru yo kuba ari amateka, iki gitabo ni ukuri kwiza kwakoreshwa mu buzima bwacu mu buryo bw'umwuka. Ikoreshwa rya cyo ni iri: Natwe turi imbata. Ntidukora ibyo dushaka gukora, ahubwo dukora ibyo tugomba gukora. Kandi niba tutabohotse, turi imbata, ubwo natwe dukeneye igisubizo ku bubata bwacu. Dukeneye gushaka kubohorwa mu bubata bwacu bw'icyaha. Agakiza ni ukubohorwa mu cyaha. Si igihano cy'icyaha gusa, cyaba icya none cyangwa ikazaza, ahubwo n'imbaraga y'icyaha.

Tugomba kandi kwibanda kwiga Ku muhanuzi Mose muri iri somo ry'igitabo cyo Kuva. Iyo urebye abakozi b'Imana bari mu byanditswe, uyu mugabo arahagarara akabasumba bose. Nizera ko nta cyo ntavuzeko Mose ari we mukozi w'Imana ukomeye kuruta abandi bo mu byanditswe. Washima ugukomera k'uyu mugabo Mose utekereje uruhare rwe cyangwa umusanzu we ku murimo w'Imana. Aburahamu yabyaye ubwoko bw'Imana, kandi nk'uko twabivuze mbere, Yakobo yabahaye izina Yozefu arabakiza. Ariko tekereza ku cyo Mose yakoreye ubwoko bw'Imana! Igitabo cyo Kuva ni wo mwandiko uvuga ku cyo Mose yakoze ku murimo w'Imana.

Umusanzu wa Mose ku murimo w'Imana

Mbere na mbere, Mose yahaye ubu bwoko bwari buboshywe umudendezo. Benshi muri twe, ntituzi icyo ari cyo kuba imbata. Iyo abantu bari muri gereza, ikintu kimwe kibatwara ibitekerezo ni icyifuzo cyo kugira umudendezo. Mose yahaye izo mbata icyo zashakaga kurusha ikindi cyose ubwo yabahaga umudendezo. Hanyuma Mose abaha icyo ishyanga rishya rikenera kuruta ibindi mu isi, ari cyo: ubuyobozi cyangwa amategeko.

Mu buryo bw'umwuka, Mose yahaye ubwoko bw'Imana ibintu bibiri bikomeye: Yabahaye Ijambo ry'Imana anabaha kuramya Imana. Hanyuma hakabaho n'igikorwa cyo mu gitabo cyo Kuva. Kubohorwa muri Egiputa. Ibyo biba bikiri byiza. Ariko iyo bageze ku cya gatatu cya nyuma cyo Kuva ndetse no mu Abalewi, bagenda baseta ibirenge, gusoma kwabo kugenda kubakomerera maze benshi bakarekeraho gusoma Bibiliya. Gitangira nk'igitanga amabwiriza y'ubwubatsi. Ni uko kiri. Kandi iyo usobanukiwe intego y'ibikoresho, utangira kubona gishimishije. Iki gice cy'igitabo cyo Kuva ndetse n'igitabo cyose cy'Abalewi ni ibikoresho byifashishwa kuramya.

Twivuzeho, ubona tutazi uko baramya. Nk'uko intumwa zasabye Yesu ngo azigishe gusenga, Abisirayeli bari bakeneye kwigishwa uko baramya, natwe ni uko bimeze. Mu matorero yacu, umukozi w'Imana amara igihe kinini ari ku gatuti. Aya matorero yo mu kwizera kw'Abayahudi ashinze imizi mu kuramya dusanga muri iri hema ry'ibonaniro Imana yabwiye Mose kubaka.

Nagira ngo turebe ubuzima bwa Mose muri ubu buryo. Ikibazo gikomeye mu gitabo cyo Kuva ni ikibazo cy'ububata. Igisubizo kikaba kubohorwa. Imana yahanuriye Mose kuba umucunguzi ubwoko bwa Isarayeli bari bakeneye. Mu ishyirwa mu ngiro, nk'uko igitabo cyo Kuva ari urugero rwo kubohoka cyangwa agakiza, ubuzima bwa Mose ni rumwe mu ngero z'uko twaba abacunguzi.

Inkuru ya Mose

Kubohoka mu mbaraga z'icyaha wowe ubwawe ni cyo gikorwa gikomeye wagira mu buzima bwawe. Igikorwa cya kabiri gikomeye mu buzima ni uguhinduka igikoresho undi yabohokeramo. Reba ubuzima bwa Mose mu byiciro by'ibihe bitatu, buri cyiciro imyaka 40. Mu myaka 40 ya mbere isomo ry'ingenzi Imana yigishije Mose ryari: "Mose, nta cyo uri cyo."

Binyuze mu bihe bimwe bidasanzwe, Mose yarerewe ibwami kwa Farawo (Kuva 1-2:10). Yenda byatewe n'uko yari kuzatekereza ko yari umuntu udasanzwe. Ariko igihe yari agejeje imyaka 40, Imana yashoboye kumwemeza ko ari nta cyo yari ari cyo. (Kuva 2:11-15). Isomo rya kabiri Imana yigishije Mose ryabaye mu gihe cy'Imyaka 40 ye ya mbere. Hari umunsi yasohotse areba umubabaro w'abacakara b'Abahehurayo, kandi abizi ko nawe ari umucakara w'Umuheburayo. Kuva igice cya 2, umurongo wa 11 haravuga ngo: "Icyo gihe Mose amaze gukura asanga bene wabo abona uburetwa barimo, bukeye abona Umunyegiputa akubita Umuheburayo mwene wabo." Kandi icyo iki cyanditswe kigaragaza ni uko yari abafitiye impuhwe, kandi ko yumvaga cyane ibyo banyuragamo mu mibabaro yabo yose.

Icyo gihe, Imana yabwiye Mose ibi: "uko si ko waba umucunguzi Mose we, reka tujye mu "ishuli" mu gihe cy'imyaka 40 maze umenye ku kuntu wakiza aba bantu ububata bwabo. Nyuma y'imyaka 40, Mose yari mu butayu abona igihuru kirimo kigurumana, mazu ku bw'ubwubushyuhe bwinshi bwari muri ubwo

butayu, ibi ubwabyo ntabwo byari bisanzwe. Ubusanzwe ibi bihuru byakongokaga mu gihe cy'amasegonda atanu. Ariko noneho, igihuru ntabwo cyakongotse, cyakomeje kugurumana. Mose ajya kureba icyarimo kuba.(Kuva 3:1-3) Itegereze icyakurikiyeho. "*Uwiteka abonye yuko atambikishwa no kubireba, Imana imuhamagara iri hagati muri icyo gihuru, iti: "Mose, Mose." Aritaba ati: "Karame" Iramubwira iti: "Wikwegera hano, kandi kwetura inkweto mu birenge byawe, kuko aho uhagaze aho ari ahera." Kandi ati "Ndi Imana ya so, Imana ya Aburahamu, Imana ya Isaka, Imana ya Yakobo." Mose yipfuka mu maso kuko atinye kureba Imana*."(4-6)

Muri icyo cyanditswe, Imana ikomeza kubwira Mose ko ikintu cy'ingenzi atari uko yabonye ikibazo cy'uburetwa butangaje bw'Abisirayeli. Icy'ingenzi si impuhwe ze n'icyifuzo cyo kugira icyo akora kuri ubu buretwa. Imana ibwira Mose mu gihuru cyaka umuriro ko icy'ingenzi ari uko Imana ya Mose yabonye icyo kibazo kandi ko yaje kugira icyo ikora kuri icyo kibazo. Nuko, maze Imana ibwira Mose ko agomba kujya kwa Farawo gukura ubwoko bwa Isirayeli muri Egiputa.

Ibaze uburyo Mose yatangaye! Igihe Mose yananirwaga kubohora aba bantu yica Umunyegiputa, Imana yeretse Mose ko ari nta cyo yari cyo. Mu gihuru cyaka umuriro, Imana yari irimo kwemeza Mose ko hari icyo ari cyo. Harimo amasomo abiri, mu buryo bw'ibanze: kuba Mose nta cyo yari cyo, no kuba Mose hari icyo yari cyo igihe Imana yari kumwe nawe byiyongera ku guca bugufi. Imana yagishije Mose aya masomo abiri kugira ngo imugire igikoresho cyo kubohoka kw'Abisirayeli bava muri Egiputa.

Abantu benshi mu buyobozi bakora uko bashoboye kose bagafata umuntu ufite ubushobozi kurusha abandi kugira ngo akore akazi neza cyane. Muri Bibiliya, bisa nk'aho Imana ikoresha umuntu udashoboye munsi y'abandi. Niba dushaka kubona incuti yacu cyangwa uwo dukunda abohorwa mu bubata bw'icyaha, dukeneye kwibuka ngo: Si twe bacunguzi. Imana ni yo mucunguzi.

Isomo kuri twe

Umuntu uca bugufi asobanukirwa urimo gukora umurimo. Umuntu uciye bugufi aravuga ati: "Ni umugambi w'Imana, ntizakora idafite igikoresho. Nuko rero, igomba gushaka Mose wa yo. Ariko mu gihe ihamagaye Mose wa yo, igomba kumwemeza.

Igomba kumubwira iti: “Mose we, nta cyo uri cyo. Si wowe ugiye kubikora. Numara gusobanukirwa ibyo, ubwo nibwo uzaba uri uwo nakoresha ndetse wahishura igitanagaza gikomeye cy’icyo nakoresha umuntu wamenye ko ari nta cyo ari cyo.”

Igice cya 14

Kwanga kwa muntu n’amabanga yo mu mwuka.

Twarebye uburyo Imana yateguriye Mose umurimo wo gukiza ubwoko bw’Abisirayeli. Muri iri somo turaza kureba amabanga Imana yamubwiye azamugira igikoresho cyo gukiza kw’Imana, kandi turaza kureba n’uburyo Mose yitabye umuhamagaro w’Imana wo kuba umucunguzi.

Amabanga y’Imana yo kuba igikoresho cyo gucungura yakubirwa mu mvugo imwe: “si wowe mucunguzi, Ni njye mucunguzi. Ubwawe nta muntu n’umwe wacungura. Ariko jye nabikora kandi ndi kumwe nawe, Mose we. Nta n’ubwo ushaka gucungura aba bantu, ariko jye ndabishaka. Aya magambo yari ukuri kuri Mose kandi ni ukuri kuri twese. Imana yayabwiye Mose ari ku gihuru cyaka umuriro.

Mose yari ahangayikishijwe n’uko atari azi kuvuga neza. Ibi bishobora kuba bivuze ko atekereje ko atari azi gutondekanya amagambo cyangwa yenda yari afite imbogamizi mu kuvuga. Ariko uko byaba bimeze kose, Imana yari ibizi byose kandi yashakaga ko ajya kwa Farawo gucungura Abisirayeli uko bimeze kose. Ahubwo Imana yaramushakaga ku bw’iyo mpamvu. Urabona, Imana yashakaga ko bigaragara ko uku gucungura, igihe kwabaye, kwari umusaruro w’imbaraga zayo bwite atari ishyaka ry’umuntu runaka. Ni yo mpamvu yashakaga Umuheburayo, umushumba (uwo Abanyegiputa bangaga kurusha uko bangaga abaheburayo) ko ajya imbere ya Farawo gusaba kubohorwa k’ubwoko bwayo. Igihe ubwoko bwayo bwarekurwaga, Imana ntiyashakaga ko hagira uvuga ati: “Oh! Ni Mose. Yoo, Yari intyoza mu magambo. Nari mpari ubwo yasabaga irekurwa ry’abo bantu. Byarikoze!” Imana ntiyashakaga ko bigenda bityo. Niyo mpamvu yahisemo umugabo yahisemo. Reba amagambo y’umurongo wa 11: *”Ni nde waremye akanwa k’umuntu? Cyangwa ni nde utera uburagi, cyangwa ubupfamatwi, cyangwa uhumura impumyi, cyangwa uhumisha? Sijye Uwiteka ubikora*?”

Ibi bibazo bikomera kubazwa abantu bamwe. Ntekereza ko icyo Imana yari irimo kuvuga na none cyari isomo risa n'iryo twabonye mu buzima bwa Yozefu ari ryo: ibigize ubuzima bwawe byaremwe n'Imana. Ushobora kutazigera umenya impamvu, ariko Imana itugira uko ishaka ko tuba. Kandi Imana yari irimo kubwira Mose iti: "Iyo mba nshaka intyoza, mba narakugize intyoza." Icyo gihe, Imana yamwigishije isomo ry'igikoresho gitoya. Imana yaramubajije iti: "Icyo ufite mu ntoki ni iki?" Mose arayisubiza ati: "Ni inkoni". Iramubwira iti: "Yijugunye hasi." Mose ayijugunye ihinduka ikintu Imana yakoresheje mu buryo bukomeye mu murimo w'ubuzima bwa Mose bwose. Ijambo "Kwegurira" rivuze "kurambika." Maze imubwira gushyira ukuboko kwe mu gituza, agukuyeyo kuza kuzuyeho ibibembe. Imana yongera kumubwira ngo abikore maze ukuboko kwe kurakira (2-7).

Imana yihanganye mu buryo bugaragara kwanga kwa Mose kose. Ariko, nyuma ubwo yabwiraga Imana ati: "Mwami ndakwinginze tuma uwo ushaka gutuma,"(13) yikongereje uburakari bw'Imana kuri we. Ubu rero ndibaza, iyo Imana igutumye kuba umucunguzi, ese nawe uzana izi nzitwazo zose? Ese birangira uvuze uti: "Tuma undi utari jye?" Abantu benshi rero bari mu byanditswe bavugishaga ukuri babwira Imana bati: "Mana, simbishaka". Icyo ni cyo Mose yavugaga. Mu buryo bumwe, hari ukuntu ari byiza, kuko impamvu z'ubishaka akenshi ziba zizwi. Bigeze aho, Mose aragenda, kandi yarabishoboye. Ariko intsinzi ntiyari iye, ahubwo yari iy'Imana.

Abantu bamwe bafite ubushobozi bwinshi ariko kuboneka kukaba guke cyane. Abandi bakabura ubushobozi ariko bakaboneka cyane. Ibyanditswe bitubwira ko icya ngombwa atari uko ufite ubushobozi cyangwa utabufite ahubwo icy'ingenzi ni ukuboneka kwawe. Mu murimo w'Imana, ubushobozi bukomeye ni ukuboneka. Ntidukoresha ibitewe n'abo turi bo cyangwa ibyo dushaka ahubwo idukoresha ititaye ku bo turi bo n'ibyo turi byo cyangwa ibyo dushaka.

Ukuri kw'ingenzi Imana yigishije Mose kwakubwirwa muri uyu muvugo:

> Si jye, ahubwo ni we kandi ari kumwe nanjye. Sinashobora, ariko arashoboye kandi ari kumwe nanjye. Sinshaka, ariko arabishaka kandi ari kumwe nanjye. Sinabikoze, ahubwo ni we wabikoze kandi yari kumwe nanjye.

Ibi bintu bine mbyita, "Amabanga ane yo mu mwuka." Sinari gushobora gukora nk'umuntu cyangwa nk'umukozi w'Imana ntakoresheje aya mabanga yo mu mwuka mu buzima bwanjye ni mu murimo. Ndizera ko nawe uziga gukoresha aya mabanga ane yo mu mwuka, Mose yigiye ku gihuru cyaka umurimo ariko kidakongoka.

Igice cya 15

Ibyago, ibitangaza n'amahame yo kubohorwa

Ubu rero nagira ngo twibande ku nkuru yo kubohoka igaragara mu gitabo cyo Kuva. Nk'uko nabivuze, ijambo kubohoka risa n'ijambo agakiza. Iyo tugeze mu gitabo cyo Kuva ku nsanganyamatsiko yo kubohoka, ku gakiza aba bantu b'Imana babonye, tubona imbaraga z'Imana. Ibyo ni uko nta cyaduhesha agakiza cyaba icyahise cyangwa icya none nta mbaraga z'Imana. Mu gitabo cyo Kuva, ubona imbaraga z'Imana zigaragara mu buryo budasanzwe, uhereye ku byago icumi.

Ibyago

Ubutumwa bw'ibyago icumi ni ishusho y'ukuri gukomeye kwigishwa muri Bibiliya kuva mu Itangiriro ukageza mu Ibyahishuwe. Muri Yohana 4:4, uko kuri kuvugwa muri ubu buryo: "*Kuko uri muri mwe aruta uri mu b'isi*." Iryo ni ryo shyirwa mu ngiro ry'ubu butumwa bw'ibyago icumi.

Mu kuva 5:1, Mose na Aroni binginze Farawo bwa mbere ngo arekure Abisirayeli bagende. Ariko Farawo ntiyabyitaho. Nandetse byari bigayitse. Ni iyihe mpamvu ubundi yari kumusunikira kubikora? Impamvu babwiye Farawo nta cyo zari zimubwiye, ngo "*Uwiteka Imana y'Abisirayeli iravuze ngo "Rekura ubwoko bwayo bugende."*(1)

Muri iyi nkuru, tubona kandi icyo twakwita: "amahame yo kubohoka" mu mbaraga z'icyaha cyangwa ikibi. Mu gihe Mose asaba irekurwa ry'ubwoko bw'Imana maze Farawo akanga ko bagenda, ibyago byaraje ndetse bigumya kuza. Ibi byago byatangiye kwemeza Farawo. Buhoro buhoro Farawo atangira kugandukira imbaraga z'Imana. Ariko mu gihe aca bugufi, itegereze ikiganiro Mose yagiranye na Farawo. Abantu benshi bizera ko Farawo ari ishusho ya Satani ari we nyir'ikibi. Dusobanukirwe imbaraga zibirimo kuba hagati ya Mose na Farawo, twasobanukirwa n'ibirimo kuba hagati Yesu Kristo na Satani muri iki gihe mu kubohorwa kwacu cyangwa agakiza.

Urugero, itegereze icyo Farawo yavuze mu Kuva 8:25 nyuma y'uko Mose amusabye ko ubwoko bwa Isirayeli bakwemererwa kugenda bagatambira Imana yabo. Ndabareka mugende mutambire Uwiteka Imana yanyu ibitambo mu butayu icyakora ntimuzajye kure cyane." Nyuma y'ibindi byago byinshi, Farawo na none yemera kureka abo bantu ngo bagende bakore imihango yabo, ariko arakomeza aravuga ati: "*Mwagenda, ariko ntimujye kure cyane*."(28) Iyi nayo ni ishusho y'ukuntu Umukristo mushya ahura n'igitutu. "Ubu rero ugiye kuba Umukristo, genda ariko nizere ko utagiye kuba muri ba bandi bakabya. Ndizera ko utagiye kugera kure cyane cyangwa ngo ubijyemo ukomeje rwose."

Mu gice cya 10:8-10, nyuma y'ibindi byago, Farawo yadohotseho gato. "Mwagenda, ariko ntimujyane abana banjye. Musige abana banjye muri Egiputa." Iyo Satani asanze ko adashoboye kuterekesha kwizera kwacu, agerageza gusigarana abana bacu. Biratangaje kubona umubare w'abantu benshi bakiriye agakiza ariko, "Ariko bagasiga ababo muri Egiputa." Nyuma Kandi y'Ibindi byago, Farawo aravuga ati "*mugende, ariko musige amatungo n'imikumbi byanyu muri Egiputa*."(Kuva 10:24) Ibi bisa n'umubi utubwira ko tutagomba kuzana ubutunzi bwacu mu bukristo.

Nizere ko iyi ari imikorere ya Satani ubona inyura muri Farawo. Ihame rya mbere ryo kubohoka ni: Ntuzigere na rimwe, n'umunsi n'umwe wemeranya na Satani. Ntuzemere ko umubi agusigarana muri Egiputa (isi), ko asigarana abana bawe cyangwa ko asigarana umutungo wawe.

Ibitangaza.

Ariko niba uri mu cyaha, nkuko benshi bakirimo, ni gute wabivamo? Igitabo cyo Kuva kitubwira ko kugira ngo uve mu bubata bw'icyaha ukeneye igitangaza. Tubona ishusho y'igitangaza dukeneye igaragarizwa muri Pasika ndetse no mu kwambuka inyanja itukura. Ibyo bitangaza bigaragaza kubohoka kwa burundu kw'abana ba Isirayeli bava kwa Farawo. Icyago gikomeye cyabaye ni uburakari bw'Imana bwatwaye ubuzima bw'abana b'imfura bose bavukiye muri Egiputa. Yesu agaragaza isano iri hagati y'iyi Pasika n'Agakiza kacu igihe yabwiraga intumwa ko urupfu rwe ku musaraba kwari ugusohoza kw'ibyo byose byashushanywaga muri iyo Pasika(Luka 22:16)

Mu kiganiro kiri hagati ya Mose na Farawo umenya ko Farawo atazatuma abana b'Isirayeli bagenda. Farawo yakomeje kwisubiraho. Akavuga ati "mugende," ariko ibyago byadohokaho gato akavuga ati, "ntimugende." Ndetse na nyuma y'uko abarekuye, Farawo yanangiriye umutima arabakurikira. Igihe abana b'Imana bari bamaze kwambuka inyanja itukura, yakoranyije ingabo ze kandi bisa nk'aho Farawo yari agiye kubica. Aba bana ba Isarayeli biragaragara ko bari bakeneye ikindi gitangaza.

Mose yakoze ibyo Imana yamubwiye, inkuru yose isigaye irazwi neza. Amazi yigabanijemo kabiri ababera nk'inkike maze Abisirayeli banyura ku butaka bwumutse. Abanyegiputa bagerageje gukurikira Abisirayeli, amazi arasubirana maze Abanyegiputa bararohama. (14:21-28)

Iyo ugeze ku bitangaza byo mu Isezerano Rishya, ugomba gufata icyemezo niba wizera ibitangaza ndengakamere cyangwa utabyizera. Jye nizera ibi bitangaza. Nizera iyi nkuru nk'uko yanditswe. Nizera ko ari uko byagenze neza neza. Nizera ko iyi nkuru ishushanya agakiza kacu. Kugira ngo ukizwe bisaba igitangaza cy'Imana. Bisaba igitanagaza cy'Imana ngo nkizwe. Icyo ni cyo ibitangaza bya Pasika n'inyanja itukura bidushushanyiriza.

Abana ba Isirayeli bamaze kwambuka inyanja itukura bari mu butayu, bahuye n'ikibazo gishya gikomeye. Ese ni iki aba bantu bajyaga kurya no kunywa bari ahantu hatagira ikintu na kimwe? Abantu bari hagati ya miliyoni 2 na miliyoni 3 bari bakeneye ibiryo n'amazi. Mose ntiyari afite icyo gukora. Ariko Imana yari ibizi. Imana yaraje ikemura icyo cyifuzo n'ikindi gitangaza. Igitondo kimwe barabyutse basanga ibintu by'umweru ahantu hose ku butaka. Baravuze bati: "Ibi ni ibiki?" Mu Giheburayo aya magambo "Ibi ni ibiki" asobanura "marina," ni uko babyitaga. Kuva ubwo, bikajya bibamanukira buri gitondo.

Ibiryo Imana yahaye abo bana ba Isirayeli byari byujuje intungamubiri zose, kuko byababeshejeho mu gihe cy'imyaka 40. Uku kuronka mu buryo ndengakamere kugaragaza ikindi gitangaza cy'uko jye nawe dukeneye ikitubeshaho. Ese ni iki kandi ni nde soko yo kubaho kwawe? Ese wizeye ubukungu bw'igihugu ko ibyo dukeneye byose tubihabwa ni Imana. Iyo tuyihanze amaso, iduha ibyo dukeneye igihe tubikeneye.

Bagombaga gutoragura iyi manu buri munsi, ari byo bishushanya amabwiriza ya Yesu ko mu gihe dusenze, tugomba gusaba Data wo mu ijutu dutya: "*Uduhe none ibyo kurya byacu by'uyu munsi*." Mbere y'ifunguro ryacu, iyo turimo gushima Imana, tuba twemeza ko Imana ari yo soko y'iryo funguro ndetse n'isoko ya buri kintu cyose dukenera. Gutanga kw'Imana ku bana ba Isirayeli mu gihe cy'Imnyaka yabo 40 bari mu butayu bitwibutsa ukuri ko gutanga kw'Imana.

Kubohoka kwacu

Mu gitabo cyo Kuva, na none duhishurirwa urufatiro rw'agakiza kacu ndetse n'ishusho y'ingenzi cyane yo kuramya kwacu. Igitambo cyo gucungurwa kw'abana ba Isirayeli cyahindutse igitambo cy'agakiza kacu. Ubwoko bw'Imana bwari bwarabwiwe gutamba umwana w'intama maze bakanyanyagiza mu ruhamo rw'umuryango no mu nkomanizo zombi z'amazu yabo. Iyi ni ishusho y'umusaraba wa Kristo, utuma uburakari bw'Imana butarenga. Yesu yari Umwana w'Intama, washushanyirijwe mu mwana w'intama wa Pasika.

Icy nkusabira ni uko wasoma igitabo cyo Kuva ukabona ko ibitangaza byabohoye Abisirayeli ari ishusho y'ibitangaza bimwe byagukijije nanjye bikankiza uyu munsi.

Igice cya 16

Umwuka w'amategeko icumi.

Ubu rero nagira ngo tunyure mu mategeko icumi nkuko tuyabona yanditse mu Kuva 20:1-17. Aya mategeko icumi ni impine y'andi majana y'amategeko. Aya mategeko icumi yanditswe ku bisate bibiri by'amabuye. Ku gisate kimwe hari hariho amategeko ane, ari yo ayobora imibanire yacu n'Imana:

1. Ntukagire izindi mana imbere yanjye.
2. Ntukaramye ibigirwa mana.
3. Ntukavugire izina ry'Imana ubusa.
4. Wibuke kweza umunsi w'isabato.

Ayo mategeko ane afitanye isano n'umubano wacu n'Imana. Igisate cya Kabiri cyari cyanditsweho amategeko atandatu kandi ayo mategeko agenewe kuyobora imibanire yacu n'abantu.

5.Wubahe so na nyoko

6.Ntukice

7.Ntugasambane

8.Ntukibe

9.Ntukabeshye

10.Ntukifuze.

Reka turebe aya mategeko cumi mu buryo bwimbitse kugira ngo turebe icyo avuze koko.

Itegeko rya mbere rivuga ko “utagomba kugira izindi mana imbere y’Imana.” Byavuzwe ko Bibiliya yavugwa mu magambo abiri: “Imana mbere.” Uwo ni wo mwuka cyangwa ubusobanuro bw’itegeko rya mbere.

Itegeko rya Kabiri ritubuza kurema igishushanyo kibajwe, cyangwa igisa n’ishusho yose iri hejuru mu ijuru cyangwa hasi ku isi ngo tucyite Imana. Mu yandi magambo, iri tegeko ritubuza gusenga ibigirwamana. Ariko, umwuka w’iri tegeko ni uyu: Imana ni Umwuka, icyo twizera kizahora kitagaragara. Ubwo nibwo buryo Imana yashyizeho kuyishaka n’umubano wacu nayo. Ishaka ko tuyisanga mu kwizera. Nitugerageza gukora ikintu kigaragara cyangwa gifatika tukavuga ko icyo kintu gihagarariye Imana tuba turwanyije icyifuzo cyo kwizera.

Itegeko rya gatatu rivuga ko tutagomba kuvugira izina ry’Imana ubusa. Nubwo abantu benshi batekereza ko iri tegeko rikoreshwa mu kurahira, icyo iri tegeko rivuze ni kigari kurusha ibyo. Riba rivuga riti: Igihe cyose uvuze izina ry’Imana, niyo haba mu kuramya ugomba kwibuka Imana iyo ari yo maze ntuvugire izina ryayo ubusa cyangwa ntukayihamagare hadakurikijwe intego zigaragazwa n’Izina ryayo. Ntitugomba kuvuga izina ryayo tutabyitayeho cyangwa tutabitekerejeho cyangwa tutaryubashye, ndetse niyo twaba turimo kuyiramya.

Itegeko rya kane ritubwira kwibuka no kweza isabato. Iri tegeko ryari rifite uburyo bwinshi rikoreshwa mu magana y’amategeko, ariko ihame ryaryo risa n’iry’iri tegeko. Abayuda bakuze bumva iri tegeko, ariko ihame ryaryo risa n’iry’iri tegeko rya mbere. Shyira Imana mbere mu buzima bwawe. Gira umwanya ushyira ku ruhunde wayo gusa. Ubundi buryo iri hame ry’isabato rikora ni ukuruhuka gusesuye. Hariho ibyorezo by’amarangamutima, kurwara no kuruha bikabije biterwa nuko abantu bishe iri tegeko rya Kane.

Iyo ugeze ku gisate cya kabiri, ubona amategeko afitanye isano n'abantu mubanye. Birumvikana ko irya mbere rijyanye n'ababyeyi bawe. Mu busanzwe, abo nibo bantu ba mbere ugira icyo ukorana nabo. Iri tegeko ryonyine ni ryo rifite isezerano: Niwubaha so na nyoko, uzaramba.(12) Itegereze ko itegeko ari ukubaha ababyeyi bawe. Iri tegeko ntirivuga kububaha gusa. Bibiliya yigisha ko abana bagomba kubaha ababyeyi babo: Iyo uri umwana, ugomba kubaha. Ariko iri tegeko ribwira abakuru kandi ririmo kudutegeka kubaha no kumvira ba data na ba mama. Impamvu imwe ituma ibi ari ingenzi ni uko byereka abana bawe uko bagomba kukubaha.

Itegeko rikurikiraho ritubwira ko tutagomba kwica. Ntibivuze ngo "ntuzice" kuko hari ahantu muri Bibiliya aho Imana itegeka ubwoko bwayo kwica (Itangiriro 9 n'Abaroma 13 n'ahandi). Ubusobanuro bw'iri tegeko ni uko ubuzima buri mu biganza by'Imana, Imana niyo itanga ubuzima, ubwo rero Imana ni yo igomba gutwara ubuzima.

Itegeko rya karindwi ritubwira kudasambana. Nizera ko umwuka w'iri tegeko ari icyo twakwita uburenganzira bw'abana." Nk'uko bivugwa inyuma gato mu Itangiriro 2, ni umugambi w'Imana gufata abantu babiri ikabhuza kugira ngo babe ababyeyi maze babyare abantu bazaba ababyeyi nabo. Mu rushako ni ho hantu hatekanye Imana ishaka ko abana barererwa ndetse bategurirwa guhangana n'ubuzima. Ubwo rero, umutekano w'abana ushingiye ku kwiyemeza cyangwa ubwizerwa bw'abo babiri bashakanye. Nizera ko uko kuri kuri ku mutima w'iri tegeko. Imana iba itekereza ku miryango n'abana iyo itegetse ngo: "Ntugasambane!

Itegeko rya Munani ni: "Ntukibe." Umwuka w'iri tegeko ni uko Imana ari Imana ya gahunda. Hashingiwe ku buntu bwayo n'ibiba n'isarura ryacu, tugera ku bintu bimwe mu buzima. Iyo wibye uba wangije gahunda y'Imana uko yayigennye. Uyu murongo w'Imana ya gahunda ni wo mwuka w'iri tegeko.

Itegeko rya cyenda ni: "Ntukabeshye." Iri ni itegeko ntatekereza ko abantu benshi barebye mu buryo bwimbitse ku buryo buhagije. Dusa nk'abatekereza mu buryo bw'ibinyoma binini n'ibito, ibyera n'ibyirabura. Bumwe mu buryo bw'ubuhanga bwo kubeshya, ni ukuvuga ukuri

kudasobanutse cyangwa kuvuga igice cy'ukuri.

Abantu bahinduka inzobere muri ibi iyo bashaka gusenya ibikorwa by'umuntu. Ariko iri tegeko rirenga ibi byose iyo rivuga ngo "Ntukabeshya mugenzi wawe" ntibisaba uko wabivuze mu buhanga. Iyo ubeshye, byaba bito cyangwa binini, waba ukora ibidakwiye gukorwa cyanggwa udakora ibikwiye gukorwa, uba wishe itegeko rya cyenda. Umwuka w'itegeko rya cyenda ni ukuvuga ukuri byaba mu mvugo, mu bikorwa cyangwa mu bundi buryo.

Itegeko rya nyuma ritubuza kwifuza. Umwuka wo kwifuza w'iri tegeko usa n'umwuka w'irya munani: "Ntukibe." Imana ifite umugambi ku byo dufite. Umugabo ufite, umuryango ufite, inzu ufite, umwanya ufite, ahantu hose ufite. Imana ifite umugambi muri ibyo byose. Dukurikije ibyanditswe, ntitugomba kwigereranya n'abandi bantu. Yaradutoranije. Ntishaka ko tumera nk'undi muntu wese. Ntishaka ko undi muntu amera nka we. Ibyo rero niba ari ukuri ntitwagomba kwigereranya n'abandi cyangwa ngo twifuze ibyo abandi bafite. Kwifuza bigaragaza ko tutanyuzwe n'ubushake bw'Imana ku buzima bwacu. Nizera ko uwo ari wo mwuka w'amategeko icumi.